

UMUYOBORA



Umwami aguhe umugisha, mwene Data Neville.

Nishimiye kugaruka mu rusengero iri joro. Usibye ko natewe n'ingorane ry'ijwi ritombomba gato. Nari mfite ikibwiriza kirekire muri iki gitondo, kandi nzi neza ko ibyishimo Byari hano, ni uko. Kandi nabyishimiye ubwanjye, kukizana, kandi nizera ko mwishimiye kucyumva. [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.]

² Ntimwibagirwe noneho, buri gihe mwibuke ibi, ko ari ibintu byubaka umugaragu wa Kristo. Murareba, kwizera ni ko kubanza, hanyuma hagakurikiraho ingeso nziza. Kandi mwibuke, Umwuka Wera ntashobora kuzuza inyubako y'Imana kugeza igihe ibyo bintu biri gukora kubw'Umwuka. Ntacyo wakora, cyose, murareba. Ibyo ni ibintu byubaka Umubiri wa Kristo, murabyumva, ibyo bintu. Noneho, ntimwibagirwe ko, ko iki kiri *hano* ari icya mbere, ni ukwizera kwanyu. Ingeso nziza, ubumenyi, n'ibindi n'ibindi, bigomba kongerwaho, kugeza igihagararo cyuzuye cya Kristo kigaragaye, nyuma ya byose Umwuka Wera akaza kuri cyo maze akagishyiraho ikimenyetso nk'umubiri umwe. Ibi bintu bigomba kuba. Niyo mpamvu, Yesu yavuze ati: "Muzabamenyera ku mbuto zabo." Murabyumva, imbuto! Ntimushobora kwera imbuto mudafite ibyo bintu ngo bibibemerere. Noneho mugihe ibyo byose bifashe umwanya wo gusimbura imico y'isi na—no kutubaha Imana, n'ibindi, noneho ukutizera kose kurahunga, noneho ibintu byose by'isi bigashira, hanyuma ntiha hari ikindi uretse ikiremwa gishya muri Kristo. Kandi noneho Abefeso 4:30 haravuga ngo, "Ntimukababaze Umwuka Wera w'Imana, uwo wabashyiriweho kuba ikimenyetso kugeza ku umunsi wo gucungurwa kwanyu." Mwashyizweho ikimenyetso mu Bwami bw'Imana! Noneho, ntimukibagirwe ibyo. Mubizirikane noneho, mufate *ibi* bintu mbere. Noneho ikimenyetso ni Umwuka Wera, Umufuniko udushyirwaho nk'ikimenyetso mu Mubiri. Ni byo.

³ Twabonye i—icyifuzo ubu kubwa Mushikiwacu Little, w'i Chicago, umugabo we yagize impanuka y'imodoka kandi ari hafi y'urupfu, Mushikiwacu Little. Na Edith Wright, mushikiwacu wacu muto hano tumaze igihe kinini tuzi, amererewe nabi cyane, nabi, iri joro mu rugo rwe, kandi bashakaga kubimenyesha itorero kugira ngo twese dusengere hamwe kubw'iki cyifuzo. Noneho reka twunamisha imitwe yacu akanya gato.

⁴ Data w'igiciro cyinshi, Data wo mu ijuru, duteraniye hamwe (kubwo kwizera) ku Intebe y'Imana, kandi turasaba imbabazi z'Imana kuri ibyo byifuzo. Mwene Data Little, wagize impanuka y'imodoka, hafi yo gupfa. Mana, mufashe. Umwuka Wera abe ku

buriri bwe amutugarurire, Mwami. Kandi na Edith Wright muto uri hepfo hariya, Ndasenze, Mana, kugira ngo Umwuka Wera aze kuba iruhande rw'igitanda cye muri iri joro kandi agarure ubuzima bwe. Byemere, Data. Wasezeraniye ibyo bintu, kandi turabyizeye. Kandi nkuko twabitekerezaga muri iki gitondo, iyo intera ntacyo ivuze kuri Wowe, Urakomeye cyane mu gice kimwe cy'isi nk'uko ukomeye mu kindi, kuko Uri hose, Ushobora byose, kandi Ntugira iherezo. Kandi turasenze, Data, kugira ngo usubize ibi byifuzo binyuriye mw'Izina rya Yesu Kristo. Amina.

⁵ Ndishimye cyane kuba ndi hano muri iri joro nanone, ku...Kandi nzi ko hashyushye. Aya ni amateraniro atatu akurikirana, kandi ni...Nzi ko bamwe muri mwe bakoze ibirometero birenga magana atanu mugutwara imodoka hagati ya aka kanya na mugitondo. Kandi guhera ejo, mfite gutwara ibirenga igihumbi na magana ane nyuma y'ibyo. None, rero ndi—ndizera ko cyabaye igihe cyiza kuri mwese. Kandi byambereye igihe cyiza kubasura. Hariho ikintu kimwe gusa twasabye, benshi bagomba gusubizwa kuko nta cyumba, ntidushobora kuzuza abantu ahantu hose, ishami rishinzwe kuzimya umuriro ntiryakwihanganira ibyo. Noneho turimo kugerageza gushaka urusengero rinini kurushaho, kugirango mu gihe turimo, kandi dushobora kugira icyumba cyo kwicazamo abantu.

⁶ Noneho, igihe icyo ari cyo cyose, muhabwe ikaze hano ku rusengero, aho tudafite indi mihango uretse Kristo, tudafite itegeko uretse urukundo, tudafite gitabo uretse Bibiliya. Kandi rero...Kandi pasiteri wacu ni Mwene Data Orman Neville uri hano. Dufite itoraniro hano rya—ry'abantu benshi baterana nk'urusengero rudafite idini rushamikiyeho, aho uza hano ugasenga Imana ukurikije amategeko y'umutimanama wawe. Iteka duhora twishimiye kubagira. Kandi rero mujye muza igihe mubishoboye, buri gihe twishimira kubakira.

⁷ Noneho ubutaha, nk'uko mbizi, kubana namwe, bizaba nyuma y'uko urusengero rwuzuye. Kandi ndashaka noneho, nyuma y'ibihe *by'Itorero*, aho turashaka kujya noneho ku *bimenyetso* birindwi byanyuma, Kandi n'*Ibimenyetso* birindwi bya nyuma biri mu gitabo cy'Ibyahishuwe, kugirango tubyigisheho.

⁸ Noneho rero inshuro nyinshi haba hari abarwayi n'abababaye baza, kandi muri aya materaniro, aho haba hakenewe amayerakwa, no kuza kubaza ibibazo byihariye. Niba ninjiye muri ibyo, noneho njye—njye sinashobora kubona itandukaniro hagati yabyo, kandi, oya, birangoye kuvuga nyuma y'ibyo. Kandi buri wese azi ko mu biterane byacu byo gukiza indwara, ko Bwana Baxter cyangwa undi muntu aribo bakunda babwiriza, maze nkaza gusengera abarwayi, kuko birakomeye ukuntu. Kandi nasengeraga abantu bamwe mu mwanya muto washize, hanyuma mpura n'umwana muto hano, uwo abaganga...ikintu mu mugongo we, yavutse ameze ukuntu

runaka. Nsohotse, nabonye yicaye hariya aho bategerereza. Uwo mwana ntazigera na rimwe yongera kumugara kuriya, bizaba byiza. Nibyo, ni, murabona. Ni byo, ndabizi. Murareba, ibyo ndabyishimiye. Turashaka rero kwakira kwizera kwacu no kwizera Imana.

⁹ Buri wese muri mwe, kandi benshi muri mwe simbazi, abakozi b'Imana bose n'abandi. Niba ntibeshye, uyu ni Mwene Data Crase. Nibyo? Mwene Data Crase, Nkwi—Nkwiye kugusaba imbabazi, kuberako ntaje igihe mweguriraga Imana urusengero. Ahari nzahaza mu materaniro yo muri wikendi, nyihanganira gusa. Sibyo? Hariya i Bloomington. Mumeze neza? Ni byiza. Bamwe muri aba benedata hano ni abakozi b'Imana, ndakeka. Muri abavugabutumwa? Yego mugenzi. Uwiteka abahe umugisha. Kandi abavugabutumwa bangahe mu nyubako, reka turebe ibiganza byanyu. Noneho, ibyo ni byiza gusa. Twishimiye kubana namwe hano, turishimye cyane. Imana ibahe imigisha!

¹⁰ Noneho, kugirango tubashe gutaha hakiri kare, bamwe muri bo bagiye muri Jeworujia, Tennessee, New York, ahantu hose, guhera iri joro, guhera iri joro. Noneho, mutware mwitonze mu muhanda. Ugira ibitotsi, si ngombwa ko ujya muri moteli, aparike k'umuhanda aryame kugeza nyine a . . . Niko mbigenza. Muranyumva, uparike ku ruhande maze uryame. Ntimukajye, ntimukajye mutwara igihe mufite ibitotsi. Ni ikintu kibi. Kandi, wibuke, si kubwawe, ni mugenzi wawe uri imbere ugomba kuba ureba. Murareba? Uba uzi aho ujya, wowe ntuzi aho agana, bityo—ugomba rero gucunga uwo muntu. Rero, mumenye neza ko muri maso igihe cyose, kugira ngo mubyitegereze.

¹¹ Noneho, iri joro ndashaka gusoma igice cy'Ibyanditswe dusanga mu gitabo cya Mutagatifu Yohani. Noneho, ibi Byanditswe bito dusoma kandi twerekezaho, ni ibyo kuduha ishingiro ku byo tugerageza kuvuga. Kandi buri gihe, sinigeze na rimwe, mubyo nibuka, nza ku ruhimbi, ngerageza kuvuga ngo byitwe ko navuze gusa. Buri gihe ngerageza gutegereza, kureba, kwiga, gusenga, kugeza igihe numva ko mfite ikintu cyafasha abantu. Niba ntashobora gufasha, ubwo rero ntabwo bikenewe ko mpararara hano, murabona. Ni, ukugerageza gufasha! Noneho iri joro, birumvikana, igice kinini cy'abaje mumateraniro cyatashye muri gitondo cya none, kandi bagombye gusubira mu rugo, benshi muri bo. Ariko, iri joro, nababwiye ko nimutegereza gato twari kugerageza kugira ikiganiro cy'iminota nka mirongo ine n'itanu ku kintu nizera ko cyadufasha. Kandi noneho tugiye kugishingira kuri Mutagatifu Yohani, igice cya 16, reka dutangire duhereye ku—k'umurongo wa 7 w'igice cya 16, hanyuma dukomeze kugera ku—k'umurongo wa 15.

Ariko ndababwira ukuri; yuko ikizagira icyo kibamarira ari uko ngenda: kuko nintagenda, umufasha atazaza aho muri; ariko ningenda, nzamubohereza.

ubwo azaza azatsinda abisi abemeze iby'icyaha, n'ibyo gukiranuka, n'ibyamateka:

Iby'icyaha kuko batanyizeye;

n'ibyo gukiranuka kuko njya kwa Data, kandi namwe muzaba mutakimbona;

N'ibj'urubanza kuko umutware w'ab'iyi si aciriweho iteka.

ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntimubasha kubiyihanganira.

Uwo mwuka w'ukuri naza, azabayobora mu kuri kose: kuko atazavuga kubwe, ahubwo ibyo azumva, nibyo azavuga, kandi azababwira ibyenda kubabo.

uwo azanyubahiriza kuko azenda ku byanjye akabibabwira.

Ibyo Data afite byose ni ibyanjye, ni cyo gitumye mvuga nti, 'azenda ku byanjye abibabwire.'

¹² Noneho muri uyu murongo wa 13. “Umwuka w'ukuri naza, azabayobora mu Kuri kose. Umwuka w'ukuri naza, azabayobora mu Kuri kose.” Ukuri ni iki? Ijambo. “Kuko azavuga, ntazavuga kubwe; ahubwo ibyo yumva, nibyo azavuga. Ibyo yumva, nibyo azavuga.” Mu yandi magambo, Niwe uzagira icyo ahishura, murabona. Kandi mu gice cya 4 cy'Abaheburayo, Bibiliya iravuga ngo “Ijambo ry'Imana rirakaze, rikomeye kuruta inkota itemera amugi abiri, U—Umugenzura w'ibiri mu bitekerezo, no mu mutima.” Murareba, “Ibyo yumva, nibyo azabivuga, kandi azabereka ibyenda kubaho.” Murabona? Ni nde uzabikora? Umwuka Wera Uzaza mw'Izina ry'Umwami Yesu.

¹³ Kandi ndashaka gufata iyi minota mike iri imbere kugirango nkangure ibitekerezo byanyu kubw'ijambo, “kuyyobora,” *Umuyobora*. Murabizi, nagize uburambe butandukanye mu mashyamba. Umuyobora, umuntu wo kukwereka aho unyura. Ugomba kugira umuyobora mu gihe utazi aho ujya. Kandi kuberako menyerereye guhiga, ndetse n'isi hirya no hino, nagize a—amahirwe yo guhura n'abayobora. Kandi ndi umuyobora, nje ubwanjye, muri Colorado, kubera ko nzi icyo gihugu, ubworozi, n'ibindi, nshobora kuyobora muri Colorado.

¹⁴ Noneho, umuyobora agomba kuba azi inzira. Agomba kumenya aho agana n'ibyo akora, n'uburyo yakwitaho mu inzira yose. Murabona? Agomba kumenya ko bitaza kurangira uzimiye. Umuyobora ni umuntu watoranijwe. Leta itoranya uyu muntu, niba ari umuyobora. Kandi, noneho, mu gufata urugendo mu butayu, aho ushobora kuba utamenyerereye kugenda, ntabwo ari byiza ko wagenda utari kumwe nawe. Mvugishije ukuri, ahantu hamwe na hamwe ntushobora no kuhagera utari kumwe na we, urugero, Kanada. U—umuyobora agomba kugusinyira uruhushya k'ushinzwe imikino. Agomba kwiyaandikaho,

kandi ni we uba agushinzwe. Hagize ikikubaho, niwe bireba. Agomba kukwitaho. Agomba kumenya ko utazimiye. Agomba guhamirizwa ko atakohereza kujya kwinjira ahantu aho utaza kumenya inzira ikugarura. Niba kandi uzimiye, yabasha kumenya neza igihugu kuburyo ashobora kugutwara igihe icyo ari cyo cyose. Ahatiwe kumenya ibyo bintu byose bitari ibyo ntashobora kuba umuyobora, ntashobora kwemererwa kuba umuyobora.

¹⁵ Kuri ibi bintu, rimwe na rimwe ugomba kugira gahunda, hamagara mbere wuzuze ibisabwa, ubone rezerivasiyo kugira ngo bakujyane. Niba kandi a... Rimwe na rimwe aba yuzuze kandi adashobora kugutwara, ugomba kubihagarika mu gihe gito, cy'u—cy'ubuyoborwa bw'isi. Ntugomba na rimwe kubikora hamwe n'ubuyoborwa bw'Imana, Ihora yiteguye, ihora yiteguye.

¹⁶ Noneho, niba utabonye iyo myiteguro yakozwe, kandi urimo gutekereza gufata urugendo mu butayu aho utigeze ugera mbere, ushobora kuza kuzimira, ugahera. Wabonye amahirwe agera kw'ijana yo kuva mu butayu, ni ukuvuga, niba atari bunini, ushobora kugira amahirwe ijana kw'ijana yo kubusohokamo wenyine. Ariko niba ari ubutayu bubi cyane, inzira igaruka, ntabwo wagira amahirwe yo gusohokamo. Nta kuntu wabikora, kuko usanga uri mu nzira y'urupfu, hanyuma nawe u—ugahera, noneho ukazimira. Noneho, kandi uzazimira niba utarabona umuyobora uzi igihugu kandi uzi n'uburyo wagisohokamo.

¹⁷ Benshi muri mwe mumenyereye ingingo mwasomye umwaka ushize hanze muri Tucson, Arizona, abo Basore b'Abasikuti. Nyamara, batoywe kumenya kwiyitaho, bari abasikuti. Kandi ntabwo bari Abasikuti bakiri abana gusa, bari abasikuti buzuye. Bafashe urugendo bazamuka imisozi, haza imvura y'urubura, ibyaremwe biva mu mwanya wabyo. Kandi ubwo bisangaga barazimiye kandi bese bararimbutse, ni ukubera ko ba... ikintu runaka, impinduka zaje ziturutse mu bikorwa bisanzwe, ntibari bazi uko basohokamo. Murareba? Kandi nibagiwe umubare w'abahungu bapfiriye ku musozi, n'ubwo bari bafite kajugujugu, n'abantu basanzwe batoywe gisirikare, hamwe n'Abarinzi b'igihugu, n'abafasha b'abakorerabushake, n'ibintu byose. Ariko barazimiye, ntawe uzi aho bari. Kandi ntibashoboraga kwiyitaho. Bose barimbukiye mu rubura kuko batari bazi niba berekeza iburasirazuba, amajyaruguru, uburengerazuba cyangwa amajyepfo, hejuru cyangwa hasi, cyangwa uko byari bimeze, ibintu byose byagaragaraga kimwe.

¹⁸ Noneho, umuyobora we aba azi aho ageze, atitaye ku kirere. A—afite ibikoresho byo kumufasha. Azi ibyo akora. Ibintu byose arabimenyereye. Azi ikintu cyose uko giteye, ashobora rero kuba mu mwijima gusa kandi ashobora kumva ikintu runaka.

¹⁹ Urugero, dore amayeri nyayo ku bayobora. Murabizi, niba mushobora kubona inyenyeri, buri muntu wese ashobora

kukubwira inzira unyuramo iyo yitegereje inyenyeri. Kandi buri gihe mushaka kureba inyenyeri imwe y'ukuri. Hano hari inyenyeri imwe y'ukuri, kandi ni yo Nyenyeri y'Amajyaruguru. Murareba, umwe gusa, ahagarara ahantu hamwe. Ibyo byerekana na none Kristo, uko yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. Abandi bashobora guhinduka, ariko We akomeza kuba wa wundi. Amatorero ashobora kugukura muri *iyi* nzira, cyangwa amwe akagukura muri *iriya* nzira; ariko ntabwo ari We, Buri gihe ni ko bigenda.

²⁰ Ni byiza, ubungubu, niba mudashobora kubona iyi Nyenyeri yo mu Majyaruguru, ndetse n'ibicu byayo, noneho nimubyitegereza, niba ari ku manywa mukaba mwarazimiye, niba muza kureba ibiti. Igitu buri gihe, igiti cyitwa mosi cyerekeza ku ruhande rw'amajyaruguru, kuko uruhande rw'amajyepfo rw'igitu rubona izuba kurenza uruhande rw'amajyaruguru. Ariko tuvuge iki niba ari umwijima ukaba udashobora kubona mosi? Niba muza gufunga amaso ntumugereze gukora igitekerezo icyo ari cyo cyose, mufunge amaso mubone igiti kibisi, mushyire amaboko yanyu hafi y'igitu nk'iki kugeza intoki zanyu zihuye, hanyuma mutangire kuzenguruka kuri kiriya giti gahoro gahoro. Kandi iyo ukubise ahantu igishishwa kibi bushye rwose, kiravunika, mu ruhande rw'amajyaruguru (umuyaga), kandi mushobora kuvuga inzira muganamo, mu majyaruguru cyangwa mu majyepfo. Kandi ubwo buryo, yewe, hariho ibintu byinshi, ariko bisaba umuyobora kugira ngo mumenye gukoresha ibyo bintu. Gusa umugabo usanzwe arahaguruka hariya, akavuga ati: "Ntabwo numva aho bitandukaniye." Murareba? Murareba, mugomba guhugurwa ku byo kuyobora.

²¹ Kandi aba bahungu, nta gushidikanya ariko ni abasikuti beza, bashobora guhambira ipfundo, bagomba gushobora gucana umuriro bakoresheje amabuye, n'ibindi nk'ibyo. Ariko kugira ngo umenye inzira yawe, icyo ni cyo gitekerezo! Bo, ntibari bazi inzira yabo, nuko bose bararimbuka kuko batajyanye n'umuyobora.

²² Umugabo udatekerezwa, hashize imyaka ibiri, muri Colorado, yewe, yazamutse imisozi, yari afite umuhungu muto ufite imyaka itandatu, irindwi. Yari agiye kumujyana guhiga impala bwa mbere. Bazamuka rero ku musozi, umwana muto abwira se ati: "Ndarambiwe."

²³ "Jya ku mugongo wanjye. Ntabwo twazamutse bihagije kugeza ubu, impongo ziri ahirengeye." Umugabo yarakomeje aragenda aragenda aragenda kugeza abonye... Ntabwo yari abizi, yari umuntu w'umujyi. Nta kintu na kimwe yari azi ku biyanye no guhiga cyangwa aho agomba kujya. Umuntu wese uzi ikintu cyose kijyanye n'ubutayu azi ko impala zitaba ahirengeye. Ntibazamuka aho. Ihene zo mu gasozi zo ziba haruguru aho, impala zo si ho ziba. ziramanuka zikagera aho

zishobora kurisha, zijya aho zibona ibyo kurya. Kandi, rero, ariko uyu mugabo yaratekereje ati: “Nimbona inzira mu rutare ahantu hariya hejuru, nzabonayo isekurume nini.” Yari yabonye ifoto ya zimwe zihagaze—zihagaze ku rutare, atekereza ko ariho yari kuzisanga. Ntukite kuri ibyo binyamakuru bisomwa, mbega, Yoo, mbega, uzagira inzozi mbi! Ibyo, icyo ni cyo kintu cyonyine cyo gukora, ni ugufata umuyobora, aho umenya aho uri.

²⁴ Kandi uriya mugabo, hagwa imvura rimwe gusa hejuru aho, imvura imwe muri zo igwa yihuse. Umugabo yahize bitinze, kugeza bwije ntiyashobora kubona inzira imusubiza inyuma. Kandi. . . noneho umuyaga uzenguruka impinga y'imisozi, ubwe agenda yihuta, kandi ibyo. . .

²⁵ Mugomba kumenya uko mwirwanaho, niba mufashwe. Hariho ikindi kintu, mumenye uko mwirwanaho! Nuriye hejuru y'ibiti ndanyerera mbigwa muni, ndongera nurira ibiti ndanyerera ngwa hasi, hasi jejuru nka gutyo, kugira ngo nkomeze kubaho. Nafashe urubura igihe rwari kuba rufite intambwe enye kuri buri ruhande, ntema igishyitsi maze ngishyira hasi. Kandi nshonje ku buryo ntashoboraga kubyihanganira! Maze nasa ibi bishyitsi bishaje, mbicanaho umuriro kugira ngo note kandi nshongeshe urubura. Hanyuma nka saa kumi n'imwe za mu gitondo, saa munani, nigizayo ibishyitsi, hanyuma ndyama kuri ubwo butaka bushyushye, kugira ngo nkomeze kubaho. Mugomba kumenya gukora ibi bintu.

²⁶ Kandi uyu mugabo ntabwo yari azi icyo akora, nta muntu n'umwe bari kumwe nawe ngo amuyobore. Afata umuhungu we muto ku gituzo kugeza igihe yumvaga akonje kandi agiye gupfa. Ntibyumvikana! Iyo aza kujyana n'umuyobora, yashoboraga kumugarura k'umusozo atitaye kumwanya n'igihe, murabyumva neza. Ariko yarategereje kugeza bwije, noneho ntiyashobora kubona inzira hafi aho.

²⁷ Ni cyo kibazo ku Bakristo bo muri iki gihe. Bararindira kugeza umwijima ushize, hanyuma ugasanga waragiye badafite Umuyobora. Umuyobora!

²⁸ Kubera iki, mwigeze mubona umuntu wabuze inzira? Hari umuntu wigeze agira uburambe bwo kugarura umuntu wazimiye? Ni ibintu bibabaje cyane bitigeze bibaho. Iyo umuntu yazimiye, agenda ishyamba. Ntabwo aba azi icyo akora. Twafashe umuntu, umuhungu, kandi yari yarazimiye mu ishyamba, nuko yibaza. . . Yari umworozi, ariko yari mu ifasi itari yo arazimira, arahindukira. Bamubonye nyuma y'iminsi itatu, yiruka nk'umuntu w'ishyamba, avuza induru mu ijwi rye rirerire. Iminwa ye yose irya, ajugunya imbunda ye ntiyamenya icyo gukora. Kandi igihe murumuna we bwite, igihe. . . Bagombaga kumufata no kumuboha. Igihe murumuna we bwite yamusangaga, yamurwanije nk'inyamaswa, agerageza

kumuruma, ntabwo yari azi aho ari. Kubera iki? Yarazimiye. Kandi iyo umuntu yazimiye, aba yumiwe. Kandi ntaba azi ko ari muri iyo mimerere, kuko kubura kwe bimutera iyi ndwara, kandi ntamenya aho ageze n'icyo gukora.

²⁹ Ni ko bimeze iyo umuntu yazimiye ku Mana! Azakora ibintu atarasanzwe akora. Azakora ibintu—ibirenze ibitekerezo by'ikiremnamuntu gikora. Umuntu watakaye akava ku Mana, itorero ryatakaye rikava ku Mana, itorero ryagiye kure y'Imana, ryahunze amahame ya Bibiliya y'Imana, rikora ibintu rimwe na rimwe utigeze gusanga mu itorero ry'Imana nzima. Bazabona amafaranga yabo mu mikino yo kuri widewo, gukina tombora, gukina urusimbi, n'ibindi byose bashobora gukora. Bazigisha ibyo babonye byose, bazareka ikintu cyose gihite, bazashyira ku mugongo wabo abishyura menshi mu rusengero, n'ibindi nk'ibyo, bakabireka bigahita. Ni byo. Bashyira mu nteko abadiyakoni bashyingiwe inshuro enye cyangwa eshanu, gusa kugira ngo babane neza, kugira ngo babone amaramuko. Hariho iherezo rimwe gusa mugomba kugira, ni byo, inshingano zanyu ku Mana. Muhagarare maze muvugishe Ukuri! Umuntu watakaye, wazimiye ari mu rujijo, aba ari umusazi.

³⁰ Umuyobora afite gusobanukirwa, uburyo bwo kugenda n'icyo gukora. Imana muri . . . Imana yamye yohereza ubuyobozi ku bantu bayo. Imana ntiyigeze inanirwa. Yohereje umuyobora, ariko wowe ugomba kwemera uwo muyobora. Murareba? Ugomba kubyizera. Ugomba kugendera mu nzira avuga. Niba winjiye mu butayu, kandi umuyobora wawe akavuga ati “duce muri *iyi* nzira,” kandi nyamara ugatekereza ko ugomba kugenda muri *iriya* nzira, biraza kukuviramo kuzimira. Noneho iyo wowe . . . Imana itwoherereza umuyobora wo kutuyobora, tugomba gukurikira uwo muyobora. Tutitaye ku byo dutekereza, ibisa nk'ibishyize mu gaciro n'ibigaragara ko bisekeje, ntabwo turi ab'ingenzi ngo tubigabanye, ahubwo umuyobora ni we wenyine ubishoboye.

³¹ Imana, mu Isezerano rya Kera, yohereje abahanuzi. Bari abayobora, kuko Ijambo ry'Uwiteka riza ku muhanuzi. Bari abayobora. Bategetse abantu nk'uko twabigenzaga nijoro, ibya Yesaya na Uziya. Bari barigishijwe, bigisha abantu kandi barabayobora. Noneho ubu Imana yohereje abayobora Bayo, ntabwo yigeze ibaho idafite umuyobora, kuva kera. Imana yahoraga ifite umuntu uyihagarariye kuri iyi si, mu myaka yose.

³² Noneho, rimwe na rimwe bava mu buyobozi, “hanze y'igiti,” nk'uko tubyita. Igihe Yesu yari hano kw'isi, ntimwibuka Yesu abwira Abafarisayo ati: “Mwa mpumyi ziyobora mwe”? Abayobora impumyi, impumyi ku bintu by'umwuka. Murareba? Noneho, bagombaga kuba abayobora, bayobora abantu, bayobora abantu ku gakiza. Ariko Yesu yaravuze ati: “Muri impumyi!” Hanyuma aravuga ati: “Mubareke, kuko niba impumyi iyoboye impumyi, ese bombi ntibazagwa mu mwobo?”

Abayobora impumyi! Yoo, burya isi yandujwe n'ibyo, kuyobora buhumyi. Ntishaka ko wishingikiriza ku myumvire yawe bwite. Imana ntishaka ko wishingikiriza ku myumvire yawe cyangwa ibitekerezo byawe, cyangwa ibitekerezo byose byakozwe n'abantu.

³³ Imana yohereje Umuyobora, kandi Imana ishaka ko wibuka ko ari bwo buyobozi Bwayo bwashyizweho. Tugomba kumwibuka Yo. Hano haravuga ngo, Yesu yaravuze ati: "Sinzabatererana, ariko nzasenga Data kandi azaboherereza undi Muhoza." Kandi uyu Muhoza, igihe yagombaga kuza, yagombaga kutuyobora mu Kuri kose. Kandi Ijambo ry'Imana ni Ukuri, kandi Ijambo ni Kristo, "Ndi Inzira, Ukuri, n'Ubugingo." Ni Ijambo, "Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yahoranye n'Imana, Jambo uwo yari Imana. Kandi Jambo yahinduwe umubiri atura muri twe." Noneho niba dukurikiza Ubuyobora nyawe, Umwuka Wera, Yagombaga kutubwira ibyo yabonye, ibyo yumvise, kandi yagombaga kutwereka ibintu biri imbere. Amina. Murakurikiye. Agiye kubereka ibintu biri imbere.

³⁴ Kandi iyo amatorero uyu muni yanze Ibyo, ni gute dushobora gutegereza kujya mw'Ijuru? Igihe Umwuka Wera yoherejwe ngo atubere umuyobora, tuzafata abakaridinari bamwe, umwepiskopi umwe, umugenzuzi rusange, cyangwa umuntu nk'uriya kugira ngo atuyobore, igihe Umwuka Wera yaduhawe kugirango atuyobore.

³⁵ Kandi Umwuka Wera ahora avuga Ijambo. "Mfite ibintu byinshi byo kubabwira, ariko ntimushobora kubyumva nonaha, ariko ubwo azaza, azabayobora." Ni yo mpamvu yo kuza kw'iki Kimenyetso. Ku mpera z'Ikimenyetso cya Karindwi, ubwiru bw'Imana bugomba kurangira, kumenya Imana Iyo ari Yo, icyo Iri Cyo, uko Ibaho, kamere Yayo, n'Ukubaho Kwayo. Mugomba kuba ahirengeye mu buryo bwose *hano* muri icyo gihe, murareba, mutuzane ku gihagararo cyuzuye cy'abahungu n'abakobwa b'Imana, Itorero ryogejwe mu maraso ya Kristo, ibyo bigurwa nta kiguzi cy'amafaranga, byishyurwa n'amaraso ya Yesu Kristo.

³⁶ Noneho, hano turi, Umuyobora, kandi ni Umuyobora watanzwe n'Imana. Noneho, tunyuze mu butayu, kandi turi mu nzira yacu ahantu runaka, kandi ntidushobora kubana tudafite uyu Muyobora. Kandi utinyuke umuntu uwo ari we wese wagerageza gusimburaza undi muyobora! Nimubikora, azabashyira hanze y'umurongo. Uyu Muyobora azi inzira! Azi buri santimetero y'inzira. Azi igitekerezo cyose kiri mu mutima wanyu. Azi abantu bose bari hano. Azi uwo uri we n'icyo wakoze, ndetse n'ibyaweho byose. Ni Umuyobora uturuka ku Mana, Umwuka Wera, kandi azabahishurira ibintu, kandi azavugaga ibyo yumvise, ashobora gusubiramo amagambo yawe hanyuma akavugaga ibyo wavuze. Amina. Akakubwira icyo wabaye, icyo

ufite, n'aho ugiye. Ubuyobora, Umuyobora w'ukuri, kandi Azakuyobora ku Kuri kose, kandi Ijambo Rye ni Ukuri.

³⁷ Noneho, Umwuka Wera ntazigera agutera kuvuga, “amina,” ku bwoko runaka bw'imyemerere yakozwe n'abantu. Azerekana gusa Ijambo ry'Imana hamwe na “amina,” 'Kubera ko ari Ryo. Umwuka Wera ntazakuyobora mu bundi buryo. Noneho ikintu kidasanzwe ni uko, twese, amadini yacu yose akomeye, turasaba buri wese uyobowe n'Umwuka Wera, kandi hariho itandukaniro rinini nk'uko habaho umunsi n'ijoro kuri twe.

³⁸ Ariko igihe Pawulo, uriya Mufarisayo muto wakiriye Umwuka Wera igihe Ananiya yamubatizaga, ni uko yinjira muri Arabiya yiga imyaka itatu, aragaruka, kandi ntiyigeze agisha inama itorero ku kintu cyose mu myaka cumi n'ine, ageze ahura na Petero, umuyobozi w'itorero ry'i Yerusalemu, bahanze amaso Inyigisho. Kubera iki? Umwuka Wera umwe! Aho Petero yabatizaga mu Izina rya Yesu Kristo, Pawulo yabigenje atyo ntawe ubimubwiye. Aho Petero yigishije umubatizo w'Umwuka Wera, no kwezwa, n'ibindi, Pawulo yakozwe nka byo, atabajije itorero, kuko Yari Umuyobora umwe. None se twamera dute uyu munsi mu gihe abantu bahakana uko Kuri? Igihe Petero yigishaga ibyo yakozwe bijyanye n'uburyo itorero ryagombaga gutunganywa, Pawulo yari afite Inyigisho imwe, 'kubera ko bari bafite Umuyobora umwe.

³⁹ Umuyobora ntabwo agiye gufata imwe muri *iyi* nzira, n'undi haruguru *y'iyi* nzira, no kohereza imwe iburasirazuba indi iburengerazuba. Murareba, Agiye kubashyira hamwe. Niba kandi tureka gusa Umwuka Wera akadukomeza, tuzaba umwe. Niba—niba mutaretse ngo satani adushyire mu nzira itari yo, tuzagira umutima umwe, ibitekerezo bimwe, ubwumvikane bumwe, n'Umwuka umwe, Umwuka Wera, Umuyobozi w'Imana uzatuyobora ku Kuri kose. Ni byo. Ariko mugomba gukurikira Umuyobora wanyu. Yego mugenzi.

⁴⁰ Reba Nikodemu, yari akeneye Umuyobora, nyamara yari umuntu uzi ubwenge. Yari umwarimu, ufite imyaka nka mirongo inani. Yari uwo mu Bafarisayo, cyangwa—cyangwa uwo mu Nkiko z'Abasanidirini, Inteko nkuru, Ihuriro ry'Abakozi. Yari umwe mu bantu babo bakomeye, umwarimu muri Isiraheli, umutware muri byo. Tekereza, umwarimu w'umuhanga! Ni byo, yari azi amategeko, ariko mu gihe cyo kuvuka ubwa kabiri, yari akeneye Umuyobora. Yari abisonzeye. Yari azi ko hagomba kubaho ikindi kintu gitandukanye. Amagambo yabwiye Kristo muri iryo joro yarabigaragaje. Byagaragaje kandi ibi, ibiyumvo by'abandi, ariko nta n'umwe wari ufite cyane—gutinyuka cyane nk'uko yari afite. Nta n'umwe muri bo washoboraga kuzamuka ngo akore nk'ibyo yakozwe. Mwese, abantu, mwamagana Nikodemu ko yaje mu ijoro. Yagiye. Yageze. Nzi ko abantu bamwe badashaka gutangira, amanywa cyangwa ijoro. Ariko yageze, akenera Umuyobora, aravugaga

ati: “Databuja, twe,” kuva mu Rukiko rw’Ikirenga rwa Kiyahudi, “tuzi ko uri Umwigisha ukomoka ku Mana.” Kuki yari abizi? Yaratsindishirijwe. Murareba, yashakaga kumenya icyo uku kuvuka gushya bivuze, maze asanga uwa nyawe, kuko Imana yari yaragaragaje ko Uyu ari we wari Umuyobora, Yesu. Nimurebe ibyo yavuze: “Databuja, tuzi ko uri Umwigisha ukomoka ku Mana, ‘Kubera ko nta muntu ushobora gukora ibintu nk’ibyo ukora,’ keretse Imana iri kumwe na we.”

⁴¹ Byari ugutsindishirizwa ahongaho, ko muri We harimo Imana nzima. Ibyo yatanzemo ubuhamya, “Ntabwo ari Njye ukora imirimo; ni Data uba muri njye. Ndababwira nkomeje ko Umwana ntacyo ashobora gukora We ubwe; ariko ibyo abona Data akora, ni byo n’Umwana akora. Data arakora, nanjye ndakora kugeza ubu.” Mu yandi magambo, Imana yamweretse icyo gukora, nuko aragenda aragikora. Ntacyo yakoze kugeza igihe Imana imubwiye kubikora. Amina. Uko ni ko kuri kwabyo. Iyaba twari tugiye tugategereza kugeza Umwuka adusunikiye kubikora! Ni byo. Noneho rero muzimirire rwose muri Kristo ku buryo atagomba rwose kubazunguruka nk’uko Angenza, ariko kubanza kwegura ijosi Rye gato, mwebwe muriteguye kandi nta kintu na kimwe cyababuza, kuko muzi ko ari ubushake bw’Imana.

⁴² Yari akeneye Umuyobora. Yari Umuyobora wemejwe. Ashobora kuyoborwa n’uyu Muyobora kuko yari azi ko Uyu Muyobora yahumetswe n’Imana. Yari azi ko imigenzo yari yarakorewe, wenda n’Abafarisayo, Abasadukayo, n’abandi bose, yari yarakoreye iyo migenzo yose kandi abona nta kintu kibayeho. Ariko hano haje Umuntu uri aho, uvuga ko Ari Mesiya wasezeranijwe wo muri Bibiliya. Noneho arahindikira akora imirimo y’Imana. Yesu yaravuze ati: “Niba ntakora imirimo ya Data, ntunyizere. Ariko niba Njye mudashobora kunyizera, mwizere imirimo nkora, kuko Njewe irampamya.”

⁴³ Ntibitangaje rero kuba Nikodemu yarashoboraga kuvuga ati: “Databuja, tuzi ko uri Umwigisha ukomoka ku Mana, kuko nta muntu n’umwe ushobora gukora ibintu ukora Imana itari kumwe na We.” Murareba, yari akeneye Umuyobora, n’ubwo yari umutware w’ikintu. Yari umutware w’itorero rye. Yari afite icyubahiro, kandi yari afite—yari afite ahantu hagaragara, kandi yari umuntu ukomeye; nta gushidikanya, kubahwa n’abantu bose banyuze mu gihugu. Ariko kubijyanye no kuvuka ubwa kabiri, yari akeneye Umuyobora! Natwe rero, yego, twari dukeneye Umuyobora.

⁴⁴ Koruneliyo, yari umuntu ukomeye, umuntu wubahwa. Yubatse amatorero. Yubahaga Abayahudi kuko yari azi ko idini ryabo ari ukuri. Kandi yatannze imfashanyo, akanasenga buri muni, ariko ubwo Umwuka Wera yazaga (Ikintu cyari cyiyongereye mu itorero), yari akeneye Umuyobora. Imana yamwoherereje Umwuka Wera. Imwohereza inyuriye mu

muntu Petero, “Kubera ko mu gihe Petero yari akivuga aya magambo, Umwuka Wera waramanutse ujya kuri we.” [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.] Imana yakoresheje Umuyobora binyuze muri Petero. Yaramukoresheje, kuko yayoboye Koruneliyo inzira nziza. Igihe yari akivuga, Umwuka Wera yaguye ku Banyamahanga. Ahita avuga ati: “Hari umuntu ushobora kumwima amazi, ngo atabatizwa?” Murareba, haracyari Umuyobora ukivuga, ntabwo ari Petero. Kubera ko iryo ryari itsinda ry’Abayahudi...cyangwa Abanyamahanga, “umwanda, umwanda” kuri we, kandi ntiyashakaga no kugenda. Ariko Umuyobora yaravuze ati: “Mboherereje.” Mukora ibintu mudatekereza ko mwabikora, mu gihe Umuyobora we aba afite ubugenzuzi bwose, mu gihe mumwemereye kubayobora. Yoo, mbega ukuntu ari byiza kuyoborwa n’Umwuka Wera. Ni we Muyobora. Ni byo. Yavuganye na Petero amubwira icyo agomba gukora. Hanyuma ubwo bose bakiraga Umwuka Wera, yaravuze ati: “Ntidushobora kwima amazi, aba bakiriye Umwuka Wera nk’uko twawakiriye mu ntangiriro.” Nuko babatizwa mu Izina ry’Umwami Yesu. None, Ni inde wamuyoboye kubikora? Ni Umuyobora wari muri we. Ntabwo Yesu yababwiye ati: “Ntimutekereze ku byo mugiyeye kuvuga, kuko ntabwo ari mwe mubivuga; ni Data uba muri mwe, si We uvuga?” Amina.

⁴⁵ Inkone, imanuka i Yeruzalemu. Kandi Imana yari ifite Umuyobora mu isi muri kiriya gihe, Umwuka Wera, kandi yari afite umuntu hepfo wari wuzuyemo uko kuyobora. Ntiyari n’umubwirizabutumwa, yari ameze nk’umudiyakoni nk’uko. Kandi yari hepfo hariya akiza abarwayi anirukana abadayimoni, atera umuvurungano mwinshi, umunezero mwinshi mu muji. Yategetse abantu babarirwa mu magana, kandi Umuyobora ati: “Ibyo birahagije, reka dusubire muri iyi nzira.” Ntiyigeze atongana n’Umuyobora we.

⁴⁶ Ntimugatonganye Ijambo ry’Umuyobora wanyu. Mumukurikire. Niba mutabikoze, muraza kuzimira. Kandi, nimwibuke, icyo mumusize, muba muri mwenyine, bityo turashaka gukomeza kuba hafi y’Umuyobora.

⁴⁷ Mu nzira rero, Yaravuze ati: “Tandukana n’iri tsinda nonaha, Filipo, hanyuma usohoke ujye mu butayu ahataba umuntu n’umwe. Ariko ndahakohereje, kandi uzahasanga umuntu ubwo nzakoherezayo.” Hano haza inkone yonyine, yari umuntu ukomeye ku mwamikazi hepfo muri Etiyopiya. Rero yamanutse, asoma Igitabo cya Yesaya. Nuko Umuyobozi aravuga ati: “Jya hafi y’igare.”

Na we ati: “Ibyo usoma ibyo urabyumva?”

⁴⁸ Yaravuze ati: “Ni gute nshobora gusobanukirwa mu gihe nta muyobora unyobora?” Yoo, mbega! Ariko Filipo yari afite Umuyobora. Amina. Kandi yatangiriye mu Byanditswe bimwe,

amubwiriza Kristo. Amina. Ubuyobozi! Ntumubwire imyizerere imwe, yamubwiye ibyerekeye Umuyobora, Kristo! Amubatiza hanze hariya mu mazi. Ni ukuri. Yoo, mbega ukuntu nkunda ibyo bintu!

⁴⁹ Igihe Isiraheli yavaga muri Egiputa yerekeza mu gihugu cyasezeranijwe, Kuva 13:21, Imana yari izi ko batari barigeze bakora urwo rugendo mbere. Byari ibirometero mirongo ine gusa, ariko nyamara bari bakeneye ikintu cyajyana nabo. Bari kubura inzira. We rero, Imana, yaboherereje Umuyobora. Kuva 13:21, ikintu nk'iki, “Mbohereje Umumalayika wanjye imbere yanyu, Inkingi y'Umuriro, kugira ngo ibafashe gukomeza inzira,” ibayobore muri iki gihugu cyasezeranijwe. Kandi Abisiraheli bakurikiye uwo Muyobora, Inkingi y'Umuriro (ijoro), Igicu ku manywa. Yahagarara, bagahagarara. Yagenda, bakagenda. Amaze kubegereza igihugu, kandi ntibari bakwiriye kurenga, Yongera kubasubiza mu butayu. Ntabwo yari kujyana nabo.

⁵⁰ Ni byo, nuko itorero rimeze muri iki gihe. Nta gushidikanya ariko ibyo kwihangana kw'Imana muri iki gihe, ni kimwe nk'uko byari bimeze mu gihe cya Nowa, itorero ryari gukomeza iyo riza gukosorwa kandi rigashyirwa kuri gahunda. Ariko Agomba kutuyobora hirya no hino hirya no hino.

⁵¹ Isiraheli ntiyari izi, igihe basakuzaga, babonye abasirikare bapfuye bo mu Misiri, amafarashi yarohamyeye, amagare ya Farawo yarahindukiye, babona intsinzi yabo, Mose mu Mwuka, ariramba mu Mwuka, Miriyamu abyina mu Mwuka, n'abakobwa ba Isiraheli biruka hose mu mirenge, bavuze induru babyina, bari bafite iminsi mike gusa uhereye ku mata n'ubuki. Ntabwo bari bazi ko hashize imyaka mirongo ine, kuko batangiye kwijujutira Imana n'Umuyobora.

⁵² Natwe dusanga ari kimwe. Ndajya muri Shreveport nyuma ya hano. Kandi Umwuka Wera yamanutse ku Munsi w'Ituro ryo gushimira, hashize imyaka mirongo itanu, muri—muri Luziyana, ku Munsi w'Ituro ryo gushimira. Ukuntu itorero ryaguye kuva icyo gihe! Murabona ko kiliziya Gatolika ya Roma mu ntangiriro yayo yari kiliziya ya pentekote? Uko ni ukuri. Ni byo. Ryari itorero rya pentekote, ariko abanyacyubahiro batangira kwirynjiramo no guhindura—Ibyanditswe by'Imana ku migenzo yabo, bongeraho imiziririzo, n'ibindi n'ibindi. Kandi murebe ibyo babonye ubu, ntabwo ari agace k'Ibyanditswe muri kimwe muri byo. Ibintu bimwe babisimbuje ibindi bintu, agace k'umugati bagasimbuza Umwuka Wera. Kwibizwa babisimbuje kuminjagirwa. “Umwami Yesu” bamusimbuje “Data, Mwana, Roho Mutagatifu.” Basimbuye izi ngingo zose zikomeye z'Imana twahawe, kandi bari kure, kure, kure y'Inyigisho zishingiye ku Byanditswe.

⁵³ Pentekote yamanukiye i Louisiana, hashize imyaka mirongo

itanu, kandi niba ihagaze indi myaka magana abiri, izaba kure kuruta kiliziya Gatolika uko iri, niba ikomeje kugwa nk'uko irimo kugwa muri iyi myaka mirongo itanu ishize, 'kubera ko hari ibyo bongeramo buri gihe, buri kanya. Ababwiriza ba kera barashize. Amateraniro yo ku muhanda, ntayo waba ucyumva. Ibintu byose dufite ni agatsiko ka Hollywood kiyongereyeho, umusatsi-ukase w'abagore bambaye ikabutura, bisize amarangi, n'ibindi byose, biyita Abakristu. Uwitwa Ricky muto ufite gitari, yiruka aho no epfo, n'abagore bafite imyenda ibahambiriye nka...cyane nka sosiso iriho agahu na—n'agahu gatwikiriye inyuma, ibintu nk'ibyo, babyina hejuru kuri platifomu, biruka hejuru kuri platifomu, babyina n'amaherena atendera ku matwi, kandi umwe muri aba bagore bashya nyirinz'u-y'abogoshya imisatsi ari aho, hanyuma akiyita Umukristu.

⁵⁴ icyo dukeneye ni idini-rya kera, ryoherejwe-n'Imana, idini ryaka rizasenyaye iyo si mu itorero. Tugomba kugaruka ku Mwuka Wera n'Umuriro, tugasubira mu bintu bitwika ingoma, azana ubutumwa bwa kera bugarura kubwiriza, gushyira Ijuru hejuru, n'umuriro utazima, umunwa w'imbunda ugororotse. Dukeneye ubutumwa nk'ubwo. Ariko nubikora uyu muni, itorero ryawe rizagushyira hanze.

⁵⁵ Rimwe na rimwe, ababwiriza beza bayobya n'itorero ryabo. Ni yo mpamvu nyje ntagira idini. Mfite icyicaro kimwe, kiva mu Ijuru. Aho anyohereje hose, ni ho njya. Ibyo avuga byose, ni byo mvuga. Ntabwo dushaka ko habaho idini. Iri torero rihora rivuga ku by'amadini, ryatakaza umushumba waryo ako kanya. Ntabwo nahatinda, habe n'iminota itanu. Itorero ryose ryigeze rihindurwa idini ryaganishije ku mbuto, mwambwira iritarigeze ribikora, kandi mumbwire rimwe ryigeze ryongeye guhaguruka. Umwuka Wera yoherejwe kuyobora itorero, ntabwo ari itsinda ry'abantu. Umwuka Wera ni ubwisanzure-bwuzuye bwose. Abantu bahinduka abayoborwa, ntacyo bitayeho.

⁵⁶ Imana yababwiye ko izaboherereza Umuyobora, uzabayobora mu nzira. Kandi igihe cyose bakurikiraga iyo Nkingi y'Umuriro, bese bameraga neza. Yabayoboye ku irembo ry'igihugu cyasezeranijwe, hanyuma bigera aho Agomba kugenda. Hanyuma Yohuwa, uriya murwanyu ukomeye, nimwibuke umunsi yababwiye ati: "Nimwiyeze, ku muni wa gatatu Imana igiye gukingura Yorodani hepfo aha kandi turaza kuyambuka"? Noneho murareba ibyo yavuze (Nkunda ibi) mu Byanditswe, yaravuze ati: "Mugume hafi y'Isanduku y'isezerano, kuko mutigeze munyura muri iyi nzira mbere."

⁵⁷ Isanduku yari iki? Ijambo. Ntimugendere mu nzira z'idini ryanyu ubu, mugume inyuma y'Ijambo, 'kubera ko mutigeze munyura muri iyi nzira mbere. Kandi, bene Data, niba hari igihe itorero rya Gikristo rigomba kwisuzuma ubwaryo, ni nonaha. Ubu turi aho iyi nama ikomeye ibera i Roma nonaha, harimo gukorwa ibintu bitandukanye, ihuriro ry'amatorero, aho

ayo madini yose ahurijwe hamwe kugira ngo akore ishusho y'inyamaswa, neza neza ni byo Bibiliya ivuga. Kandi muzi ibyo twavuze muri iki gitondo mu butumwa. Kandi hano turi, burya buri kintu cyose kiri ku marembo, kandi abantu baracyakurikira imyizerere y'imihango. Byaba byiza mugumye inyuma y'Ijambo! Ijambo rizabayobora, kuko Ijambo ari Kristo, na Kristo ni Imana, kandi Imana ni Umwuka Wera.

⁵⁸ Mugume inyuma y'Ijambo! Yoo, yego, mugenzi! Mugumane n'uwo Muyobora. Mugume inyuma Yaryo. Ntimukajye imbere Yaryo, mugume inyuma Yaryo. Mureke Ribayobore, ntabe ari mwebwe muriyobora. Murireke Rikomeze.

⁵⁹ Yoshuwa yaravuze ati: “Noneho, ntabwo mwigeze munyura muri iyi nzira mbere, ntacyo muzi ku bijyanye n'umuhanda.”

⁶⁰ Ni cyo kibazo muri iki gihe. Ntimukeneye umuyobora ubayobora mu nzira yagutse. Yoo, muzi inzira zose n'ibindi byose. Muzi inzira zose zo gukora icyaha. Nta...Yoo, mwabayeho igihe kirekire. Ntibikenewe ko umuntu agerageza kubabwira kubyerekeranye n'ibyo, muzi inzira zose. Ni byo, icyaha cyose, murabizi byose. Ntawe ugomba kubabwira uko biba; ibyo murabizi. Nta muntu ugomba kubabwira uburyo bwo gutukana; ibyo murabizi. Nta muntu ugomba kubabwira uko mwakora ibi bintu bibi, kuko bimanikwa kuri buri giti ahantu hose.

⁶¹ Ariko, mwibuke, mwe bantu b'Abakristo, mwarambutse. Mwinjiye mu kindi Gihugu. Mwongeye kuvuka. Mwebwe muri mu Gihugu, Igihugu cyo mw'Ijuru. Muri mu Gihugu cyasezeranijwe.

⁶² Mushobora kwitegereza, muzi inzira yanyu hano. Yoo, mbega, yego. Muzi icyo iki—iki, uburyo bwo guhagarara mu kiganza runaka cy'amakarita. Muzi icyo ibiceri, iyo bizungurutse, icyo bivuze, n'ibindi byose nk'ibyo. Ariko iyo bigeze aho kumenya kwera no gukiranuka n'imbaraga z'Imana, n'uburyo Umwuka Wera akora n'icyo Akora, ni ibyiza ko muguma inyuma y'Ijambo, Umuyobora. Murareba? Ntabwo mwigeze munyura muri iyi nzira mbere.

⁶³ Dore muravuga muti: “Nari umuntu uzi ubwenge cyane, nari mfite—nari mfite impamyabumenyi ebyiri za kaminuza.” Byaba byiza wibagiwe ibyo. Yego mugenzi.

⁶⁴ “Nanyuze mu iseminari.” Byaba byiza wibagiwe ibyo. Yego. Byaba byiza ugumye inyuma y'Umuyobora. Ukareka akakuyobora. Azi inzira; ntubikore. Ntabwo wanyuze muri iyi nzira mbere. “Ni byo,” ni ko muvuga, “barabifite.”

⁶⁵ Murareba niba babifite. Yesu yaravuze ati, “Abanyuze muri iyi nzira, ibi bimenyetso bizabakurikira. Mu Izina ryanjye, bazirukana abadayimoni, bazavuga indimi nshya; cyangwa nibafata inzoka cyangwa bakanywa ikintu cyica, ntacyo kizabatwara. Nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira.”

Benshi muri bo barabyanga, barabihakana, bakavuga ngo nta n'ubwo byahumetswe. Ntabwo bakurikiza Umuyobora. Bakurikiza imyizerere yakozwe n'abantu. Byaba byiza mugumye inyuma y'Ijambo, kuko mutanyuze muri iyi nzira, murabizi.

⁶⁶ Ariko mwongeye kuvuka ubwa kabiri, kandi mwavukiye mu kwera. Ntabwo mwanyuze muri iyi nzira mbere. Mufite pa- . . . Niba munyuze muri iyi nzira, mugomba kunyura mu kwera, kuko ni Igihugu gishya, Ubuzima bushya, abantu bashya.

⁶⁷ Muraza mu rusengero maze mukumva umuntu arazamutse, akarangurura ati: "Imana ihabwe icyubahiro! Haleluya!"

⁶⁸ Kubera iki, muravuga muti: "Mbega, yegoko, ntabwo ibi bikorwa mu itorero ryanjye! Nzihagurukira nsohoke!" Um-hum. Murabyumva neza? Mwitonde.

⁶⁹ Mugume mu murongo nyuma y'Ijambo, noneho, mureke Umuyobora abayobore. "Azabayobora mu Kuri kose, kandi ahishure ibi bintu nababwiye. Azabereka ibyo. Azababwira ibintu bigomba kuza," Umuyobora nyawe. Ntimukajye kwa musenyeri; musange Umuyobora. Ntimukajye ku wundi muntu keretse Umuyobora. Ni we woherejwe kubayobora. Ni we uzabikora. Imana yabahaye Umuyobora. Mufate inzira Imana yateganyije.

⁷⁰ Ikibazo gihari uyu uyu munsu, ni uko abantu baza mw'itorero bakicara iminota mike, hari ikintu kiba batamenyereye.

⁷¹ Nashimye umugore muto wo mu itorero rikonje, gusa namusengeye. Imana igiye gukiza umugore muto. Ntabwo yabisobanukiwe. Nta kintu na kimwe yari abiziho. Yinjiye, avuga ko atari abizi. Ariko naramubwiye nti: "Ngwino undebe." Yari umunyamasoni nuko asubira inyuma, ariko Umuyobora yakomeje kumubwira ati: "Komeza." Yarabyakiriye. Ni ko bimaze. Murareba, ni ukubera Umwuka Wera utuyobora muri ibi bintu. Murareba, Imana ifite inzira yateguye.

⁷² Mwigenze. . . Mwigenze mubona inyamaswa zo mu gasozi zirenga, inkongoro zijya mu majyepfo? Ni byiza, noneho mwibuke, ako kana gato k'imbata kavukiye aho ku cyuzi ahantu runaka. Ntikazi iburasirazuba, amajyaruguru, iburengerazuba, n'amajyepfo. Nta kindi kazi uretse icyo kidendezi kiri hariya ku misozi yo muri Kanada. Ntikigeze kava kuri icyo cyuzi, ariko kavutse ari akayobozi. Ako gashwi k'imbata gato kavukiye kuba akayobozi. Kandi ikintu cya mbere, mu ijoro rimwe habayeho urubura runini ruza hejuru y'imisozi. Byagenze bite? Wa muyaga ukonje umanuka hakurya. Nshobora kugatekereza gahinda umushyitsi, kavuga kati: "Mama, ibi bivuze iki?" Murareba, ntabwo kigeze kumva ibihe by'ubukonje mbere. Gatangira kwitegereza hirya no hino, gatangira kwitegereza hafi y'inkombe y'icyuzi, gatangira gukonja, urubura ruza ku cyuzi. Ntikari kabizi, ariko mu buryo butunguranye. . . Kavutse kugira ngo kayobore ubwo bushyoye bw'imbata. kazasimbuka neza hagati

y'icyo kidendezi nibagakubita. Murabyita uko mushaka. Tubyita uguhumekerwa, cyangwa mushobora kubyita ukundi, yewe, ni intsinzi gusa, ibyo ari byo byose. Kazatembera hanze hagati y'icyuzi, gakomeze ako kantu gato kagurukire hejuru mu kirere, maze kagende gasakuza ngo: "Honk-honk, honk-honk!" Kandi imbata zose ziri ku cyuzi zizaza zigasanga. Kubera iki? Zizi umuyobozi wazo, uburyo arangurura ijwi.

⁷³ "Niba impanda itanga ijwi ritazwi, ni inde wabasha kwitegura urugamba?" Ni byo. Ni inde ushobora kwitegura urugamba niba impanda itanga ijwi ritazwi?

⁷⁴ Ni byiza, niba ako gashwi gato gatanze ijwi ritazwi, ni inde uzitegura kuguruka? Ako gashwi k'imbata gato kazashyira fagitire yako hanze, n'ijwi riranguruye kati: "Honk-honk, honk-honk!" Kandi buri mbata ntoya izaza aho ari. Igire iti: "Honk-honk, honk-honk!" Hano ni ho ziri. Iyo ni yo yubile zizagira, aho ngaho hagati y'icyuzi, zihindukira, zizenguruka, zizenguruka gusa. Nyuma y'igihe gito kazumva ko bigenda neza, gahite kigendera. Kazategura amababa mato yako hanyuma kaguruke kave kuri icyo cyuzi, kajye mu kirere gahindukire inshuro enye cyangwa eshanu, hanyuma kajye neza neza i Louisiana uko gashoboye, buri mbata ikari inyuma. "Honk-honk, honk-honk," hano karaje. Kubera iki? Ni umuyobora! Amina! Imbata zizi umuyobora wazo, itorero ntirimuzi. Yego, zizi icyo gukora.

⁷⁵ Murareba imbata zishaje, zitonze umurongo ziva muri Alaska. Noneho, harimo iy'ingabo ishaje buri gihe iziyobora, kandi izindi zose zigomba mu by'ukuri kwitegereza neza iyo mbata. Zigomba kumenya icyo iyo ngabo ivuga. Wigeze usoma mu kinyamakuru *Look* cya hano hashize imyaka ine, aho iyo ngabo ishaje rimwe na rimwe itamenya icyo yari irimo gukora? Kandi iyoboye agatsiko k'imbata mu nzira yose kugera mu Bwongereza. Ni byo. Ntabwo zigeze zimenyekana ngo zibe zarabaye mu Bwongereza mbere. Kubera iki? Ntizigeze zibona u—umuyobozi wazo. Iyo mbata ikuze ntabwo yari azi aho igiye. Noneho zarenze hariya kandi ntizashobora gusubirayo.

⁷⁶ Ni cyo kibazo kuri ziriya mbata nyinshi muri iki gihe, ziracyazunguruka. Baravuga, icyo ikinyamakuru *Look* cyavuze, izo mbata ziraguruka zizunguruka hirya no hino mu Bwongereza, ariko ntizizi uko zasubiraye. Ni ko bimeze kuri zimwe muri izo *mbata* nzi. Mufite itsinda ry'abantu benshi, hamwe n'amateraniro manini, kandi mufite utanga ububutse kugira ngo aze hano atubwirize aka kanya, ariko ntimuzi aho mugana. Muzunguruka hirya no hino, kubera ko mufite imbata kugira ngo zibayobore mu madini; kandi ntimusubira ku Ijambo ry'Imana, musubira mu mubatizo w'Umwuka Wera. Noneho twibaze impamvu tutabona ububutse mu minsi yacu. Um-hum. Murareba? Mwabonye mugira Ijwi runaka! Iryo jwi ni impanda y'Ubutumwa bwiza ihumeka Ubutumwa bwiza, Ijambo ryose ry'Imana. Atari imigenzo, atari idini; ahubwo ari

Bibiliya, Umwuka Wera. “Ibi bimenyetso bizajyana n’abizera.” Murabona? Nuko baramanuka aho mu muhanda.

⁷⁷ Bavuze ko, imbata imwe ishaje igihe kimwe, yapfushije itsinda ry’imbata, irimo kugerageza kurigurukana mu mwijima, ntabwo yari izi aho igiye, ubwayo, zose zaragiye zigonga imisozi iri iyo hakurya, maze zimwe muri zo ziraturika, zirasandara. Ni byo! Zagombaga kumenya amajwi yazo. Iyo mbata nto ishaje, niba ifite ijwi runaka kandi izindi zose zirizi, zikora yubile ntoya yo kwihuza ari nyinshi maze zikerekeza mu majyepfo. Ni iki ziba zigiyeye gukora yo? Aho hantu hakonje.

⁷⁸ Noneho, niba Imana ihaye imbata ubwenge buhagije kugira ngo imenye ubukonje, ni gute Itagombye kubuha itorero? Niba imbata ishobora kubikora kubw’ubushake, byagenda bite ku Mwuka Wera mu itorero? Ugomba kudukura mu migenzo ya kera, imyizerere idasobanutse, ikatuyobora mu mubatizo w’icyuahiho, mwiza cyane w’Umwuka Wera. Bizana ingeso nziza, ubumenyi, kwihangana, kubaha Imana, n’Umwuka Wera. Ni byo Umuyobora nyawe azayobora, kubera ko ntacyo azahumeka uretse gusa Ubutumwa bwiza, Ijambo ry’Imana. Nibyo, mukeneye Umuyobora!

⁷⁹ Iyo, abanyabwenge, baza kuba ntacyo bazi ku Mana. Bari—bari kuba abakonikoni, abarozi. Baragiye mu burasirazuba. Murabizi, Bibiliya irabivuga iti: “Twabonye Inyenyeri Ye mu Burasirazuba, none tuje kumuramya.” Baturukaga mu burengerazuba, bareba mu burasirazuba maze babona Inyenyeri Ye...cyangwa bareba mu burengerazuba, bari bari mu Burasirazuba. “Twari turi mu Burasirazuba, tubona Inyenyeri Ye mu burengerazuba.” Murareba? “Twabonye Inyenyeri Ye mu Burasirazuba.” Kandi, murareba, bari mu Burasirazuba. “Igihe twari mu Burasirazuba twabonye Inyenyeri, none We tuje kumuramya.”

⁸⁰ Nshobora kwiyumvisha ukuntu abo banyabwenge biteguye kugenda. Nshobora kwiyumvisha umwe mu bagore babo avuga ati: “Mbwira, ibintu byose byapakiwe, ariko se incaruziga yawe irihe?”

Aravuga ati: “Njye—Njye ntabwo ngiye gukoresha Incaruziga kuri iyi nshuro.”

⁸¹ Ati: “Nigute mushoboye kwambuka imisozi?” Mwibuke, bagombaga kwambuka uruzi rwa Tigrisi hanyuma bakamanuka mu kibaya, na... kubera iki, bagize urugendo rw’imyaka ibiri ku ngamiya. Ni gute bazabikora? Ati: “Ni byiza, ntushobora no gufata incaruziga.”

Aravuga ati: “Oya.”

“Uragenda ute?”

⁸² “Ngiye mu nzira Imana yateguye. Iyo Nyenyeri rero igiye kunyobora kuri uriya Mwami.” Ni ibyo.

⁸³ “Twabonye Inyenyeri Ye mu Burasirazuba, maze turayikurikira kugeza hano mu burengerazuba, tuje kumuramya. Ari he?” Bakurikiye inzira Imana yateguye. Bisanze bahambiriwe mu migenzo myinshi muni y’igihe gito. Binjiye i Yerusalemu batangira kuzamuka no ku muhanda, aba bantu bambaye neza, baravuga bati: “Ari he? Umwami w’Abayahudi Yavukiye he?” Ni byo, uwo wari umutwe, yari Yerusalemu. Ni ukuri itorero rinini rigomba kugira icyo rimenya kuri Ibyo. “Ari he? Umwami w’Abayahudi Yavukiye he? Twabonye Inyenyeri Ye mu Burasirazuba, none tuje kumuramya. Ari he?”

⁸⁴ Kubera iki, bagiye kwa pasiteri *Runaka-na-runaka* no kwa padiri mukuru *Runaka-na-runaka*, nta n’umwe muri bo wagize icyo amenya kuri Ibyo. “Kubera iki, hariho Umwami umwe w’Abayahudi wavutse, Ari he?” Ntabwo bari babizi.

⁸⁵ Ariko hano hari itsinda ry’abashumba hanze aho iruhande rw’umusozi bari bafite ibihe byiza gusa, yego, mugenzi, kuko bari baje mu nzira Imana yateganyije.

⁸⁶ Bagumye aho, kandi ako kanya yaravuze ati: “Nzababwira icyo tugomba gukora, dukwiye kugira inama y’ubutegetsi.” Bahamagawe rero mu Nama Nkuru y’Abasanidrin, kandi—kandi anibaza niba hari icyo bumvise kuri Ibyo. “Oya, ntacyo twari tubiziho.”

⁸⁷ Ni cyo kintu kimwe kiriho n’ubu. Ntacyo bazi kuri iki Gitabo, uyu Mwuka Wera ukiza indwara, wuzura, ucungura, ukongera ukagaruka. Umuyobora yatubwiye ibyo bintu byose byabaye, hano turi mu kuri tugeze mu gihe cyabyo. Gutahura ibitekerezo by’umutima; ntacyo bazi kuri ibyo, babyita indwara yo mu mutwe cyangwa ikindi kintu. Ntabwo bazi icyo babivugaho.

⁸⁸ Murabona rero, abo banyabwenge, igihe kirekire... Mwibuke, igihe binjiraga i Yerusalemu, Inyenyeri yarazimiye. Kandi mu gihe mushakisha umunyedini n’imigenzo kugira ngo abayobore ku Mana, ubufasha bw’Imana buzabavaho. Ariko igihe barwaraga bakabimbirwa, bakabireka, bagasiga imigenzo n’amadini y’abo Bayahudi, hanyuma bagasohoka i Yerusalemu, noneho Inyenyeri yongeye kugaragara, barongera bagira umunezero urenze urugero. Bongeye kubona Umuyobora! Yoo, mbega uko bimeze, jya mu itorero rya kera rikonje, hanyuma ugaruke ku ryiza ririmo umuriro, murareba Umuyobora uyobora, mbega itandukaniro! Yego, “Twabonye Inyenyeri Ye mu Burasirazuba none tuje kumuramya.”

⁸⁹ Yozuwe arababwira ati: “Noneho mukurikire Isanduku, kubera ko mutigeze muba muri iyi nzira mbere.” Imana ntizemera ko Isanduku ijya ahandi ariko h’ukuri. Abantu bose barayikurikiye, Banyura hakurya ya Yorodani.

⁹⁰ Kimwe n’uyu muni, kubw’Umwuka Wera. Yego mugenzi. Ikintu kimwe tuzi, cyaba Umwuka Wera cyangwa atari

wo, turabona kwigaraga- . . . kwigaragaza kwawo, kwigaragaza byemeza Ijambo ry’Imana.

⁹¹ Noneho, nta gihe gishize, itsinda ry’abavandimwe bari bafite amaraso n’amavuta, kandi ibyo ni byiza niba bashaka kubikora muri ubwo buryo. Njyewe . . . Ibyo nta kibazo kuri nje. Ni ikibazo cy’Ibyanditswe, murebe, igihe cyose ari ukwemeza ibyo Imana yavuze, ni byiza. Baravuga bati: “Ni nayo mpamvu mwabonye Umwuka Wera, mwabonye amavuta mu maboko yanyu.” Noneho, Nje—nje ibyo ntibishobora kunyanayo. Murareba? Oya, ntabwo nizera ko amavuta afite aho ahuriye nabyo. Niba kandi ayo maraso agiye gukiza indwara no gutanga agakiza, byagenda bite ku maraso ya Yesu Kristo? Niba ayo mavuta akiza, byagenda bite ku mirongo Ye? Murareba? Murareba?

⁹² Nkunda ko Umuyobora aza, uwo abayobora ku Ukuri kw’Ijambo, noneho muzi ko mwashtyizwe kuri zero kandi mwiteguye kubara muja hasi. Ni byo, kwitegura kuguruka. Yego mugenzi. Yego, kubera iki? Umuyobora ni we ubihindura impamo.

⁹³ Nabonye Ibyanditswe hano, nari natanze ibi Byanditswe, ariko ndashaka gusoma n’ibi. Ni muri Petero wa kabiri, igice cya 1, umurongo wa 21.

Kuko . . . nta buhanuzi bwaje mu gihe cya kera bwuzanywe n’ubushake bw’umuntu: ahubwo ku bw’abantu b’Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n’Umwuka Wera.

⁹⁴ Ubuhanuzi bwaje bute? Ntabwo ari ku bushake bw’umuntu, imyizerere y’amadini; ahubwo ni ku bushake bw’Imana, mu gihe abantu bera bayobowe n’Umwuka Wera. Yahoraga ari Umuyobora w’Imana. Nguwo Umwuka Wera wari muri iyo Nkingi y’Umuriro, uwo ni Umwuka Wera, umuntu wese azi ko yari Kristo. Mose yanyeganyeye Egiputa, yubaha isoni za Kristo azigira ubutunzi buruta ubwa Egiputa. Uwo yari Kristo. Ni byiza, iyo bahagaze aho hanze bakavuga bati: “Ni byiza, Uvuga ko Uri . . . Kubera iki, Ntabwo Urengeje imyaka mirongo itanu, ariko Ukavuga ngo Wabonye Aburahamu?”

⁹⁵ Aravuga ati: “Mbere yuko Aburahamu abaho, NDIHO.” NDIHO ni We wahuye na Mose mu Nkingi y’Umuriro mu gihuru cyaka umuriro. Yego mugenzi. Yari Imana yigize umubiri. Ntabwo ari umuntu wa gatatu; Umuntu umwe mu mirimo itandukanye. Ntabwo ari imana eshatu; ahubwo ni imirimo itatu y’Imana imwe. Ni byo.

⁹⁶ Ni byo, ubungubu, Ibyanditswe. Buri gihe, iyo Imana itanze, itanga ibyiza. Iyo Imana itanze inzira yo gushimangira itorero Ryayo, itanga ibyiza. Ubwo Yahaga Adamu na Eva, mu busitani bwa Edeni, icyo Yabahaye ni Ijambo Ryayo. “Mugume inyuma y’iri Jambo, maze mukagira umutekano. Ariko niba

mubivuyemo, umunsi muzaryaho uwo munsi muzapfa.” Imana ntabwo yigeze ihindura ingamba zayo. Kandi Satani ntabwo yigeze ahindura ibye; uko yinjiye muri Adamu na Eva, ni ko abinjiramo uyu munsi. Kubera iki? Mugerageza Kubitekereza uko biri. “Noneho, birumvikana ko Imana itabikora. Yoo, Imana yaravuze,” ni ko Satani yavuze, “ariko rwose Imana Yera ntizabikora.” Ni ukuri Izabikora, kuko Yavuze ko Izabikora!

⁹⁷ Kandi ni byo abantu bavuga uyu munsi, “Yoo, noneho, mutegereze! Ntabwo mwizera ubungubu, iyo ngiye mu rusengero nkishyura icya cumi, kandi *ibi* ndabikora, *ibindi*, Imana igiye kunjugunya hariya?” Keretse niba umuntu wavutse ubwa kabiri, atazigera yumva n’ubwami bw’Imana! Murareba? Nta rwitwazo! “Rero, umusaza w’umukene, umukecuru w’umukene, hariho roho nziza ishaje.” Inzira imwe yonyine bashobora kubonamo Imana, ni ukuvuka ubwa kabiri. Ibyo ari byo byose. Sinzi uko baba bananutse, uko baba bakuze, uko baba bakiri bato, ibyo bakoze, inshuro bagiye mu rusengero, umubare w’amadini bazi, imyizerere imigenzo ingahe bashobora kuvuga mu mutwe. Mugomba kuvuka ubwa kabiri cyangwa ntumuri no kuri fondasiyo, kugira ngo mutangire. Ni byo rwose.

⁹⁸ Noneho, murabona, mukeneye Umuyobora. Azabayobora mu kuri, kandi Ukuri ni Ijambo. Azabayobora. Kandi buri gihe ni ko byahoze. Imana ntizagombera na rimwe guhindura ikintu na kimwe, ’kubera ko Itagira iherezo kandi Izi icyiza. Ibera hose icyarimwe, Izi byose, Ni—Ni byose. Ni ukuri, Imana ni ko iri, ntabwo rero igomba guhinduka. Ni byo.

⁹⁹ Ni yo Yemeza uburyo Ibayobora. Umwuka Wera, Umuyobozi, ni Umwemezi w’Ijambo rimwe Yigisha. Noneho, Luka yari ayobowe n’Umuyobora, ngo avuge ati: “Nimugende mw’isi yose, mwamamaze Ubutumwa bwiza mu biremwa byose. Uwizera akabatizwa azakizwa, utizera azacirwaho iteka. Kandi dore ibimenyetso bizajyana n’abizera; mu Izina Ryanjye bazirukana abadayimoni, bavuga indimi nshya, bazafata inzoka, bazanywa ibintu byica, bazarambika ibiganza ku barwayi bakire.” Kandi Bibiliya Iravuga iti: “Bazagera hose,” bayobowe n’Umuyobora, murabizi, “yabwirije Ijambo, hamwe n’ibimenyetso birikurikira.” Byari ibihe? Igitabo cyemeza ko Ibyo byari Ukuri!

¹⁰⁰ Iyo yari politiki y’Imana. Ni bwo buryo bwashyizweho. Iyo ni gahunda Yayo; Ntishobora guhinduka muri Yo, kuko Itagira iherezo. Amina. Ntishobora guhinduka muri Yo; Ni Imana. Nshobora guhinduka; Ndi umuntu. Ushobora guhinduka; uri umugabo cyangwa se umugore. Ariko Imana ntishobora guhinduka. Mfite aho ngarukira; Nshobora gukora amakosa nkavuga ibintu bibi, buri wese muri twe. Ariko Imana ntishobora, kandi ihora ari Imana. icyemezo Cyayo cya mbere kiratunganye. Uburyo Imana itabara, ni nabwo buryo Igomba gukoramo buri gihe. Niba yahamagawe kugira ngo ikize

umunyabyaha, Iramukiza ishingiyeye ku kintu kimwe. Igihe gikurikiraho umunyabyaha aje, Igomba gukora nk'uko yakozwe, Itabigenje ityo yaba Yarakoze nabi mu gihe Yakoraga bwa mbere. Amina. Ndayikunda. Nzi ko ari Ukuri.

¹⁰¹ Mfite imyaka mirongo itanu n'itatu, nabwirije Ubutumwa bwiza hano imyaka mirongo itatu n'itatu n'igice, Sinigeze mbona Buneshwa. Nabubonye ngerageje inshuro zirindwi nzenguruka kw'isi, mu madini yose n'ibindi byose, mbere ni nka kimwe cya kabiri cya miliyoni icyarimwe, kandi ntabwo Bwigeze buneshwa. Simvuga mu gitabo runaka, mvuga nkurikije uburambe bwanjye bwite, ko nzi ko Imana ihagarara inyuma y'Ijambo Ryayo kandi ikaryubaha. Noneho, niba mufite ubwoko runaka bw'imyizerere, ni byiza ko mwigereza mukareba. Ariko Umwuka Wera azashyigikira Ijambo ry'Imana.

¹⁰² Muri Yohani, igice cya 1 umurongo wa 1, havuga ko Ari Ijambo, Ni Umuyobora: "Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo yahoranye n'Imana, kandi Jambo uwo yari Imana. Kandi Jambo yambaye umubili abana natwe." icyubahiro kibe icy'Imana!

¹⁰³ Petero yayobowe kuvuga, ku Byakozwe 2:38, uburyo bwo kwakira Umwuka Wera, ati: "Nimwihane, buri wese muri mwe, hanyuma mu batizwe mw'izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubabarirwe ibyaha byanyu, hanyuma Umuyobora azagukura ahongaho." Yego, icyo ni cyo kintu kigomba gukorwa. Ubwa mbere, nimwihane ibyaha byanyu, kutizera kwanyu, ko mutemera ibyo bintu. Mwhane, hanyuma mubatizwe, hanyuma Umuyobora azakura ahongaho. Murareba, izo ni inshingano zanyu. Ni inshingano zanyu kwihana. Ni inshingano zanyu kubatizwa. Noneho ni inshingano y'Umuyobora kubakura ahongaho, akabayobora mu mico myiza igana ku bumenyi, kwitonda, kwihangana, kubaha Imana, no gukunda bene Data, nuko Umwuka Wera akabashyiraho ikimenyetso. Murareba? Noneho mukaba igihagararo cyuzuye cy'Imana, umugabo w'ukuri w'Imana, umugore w'ukuri w'Imana, uri muri Kristo. Ibyo ndabikunda, uwo uri muri Kristo.

¹⁰⁴ Yego, Mariko yari ayobowe n'Umwuka Wera, kwandika Mariko 16, birumvikana.

¹⁰⁵ Yohana yari ayobowe igihe yandikaga Ibyahishuwe. Yayobowe n'Umuyobora. Yayobowe kandi n'Umuyobora kuvuga ngo "Umuntu wese uzakuramo Ijambo na rimwe, cyangwa akongeramo ijamba na rimwe, uwo nawe uzakurwamo, umugabane we, mu Gitabo cy'Ubugingo."

¹⁰⁶ None, ni gute uzajya usimbuza ikintu Ijambo ry'Imana, ugakomeza kuvuga ko uyobowe n'Umwuka Wera? Ntibyumvikana, birashoboka se? Oya, mugenzi. Ntibishoboka.

¹⁰⁷ Yambereye Umuyobora mu buzima. Yanyoboye mu Bugingo. Ni we wanyoboye mu Bugingo, kandi ni Ubugingo bwanjye. Utamufite nta Bugingo ufite. Ntamufite nta kindi nakwifuza.

Ni we Byose-muri-Byose kuri nje. Mu gihe cy'ibibazo byanjye, Ahagarara iruhande rwanjye. Ejo yampaye umugisha, n'uyu muni ni ko abigenje. Ni iki nshobora kwitegura? wa wundi iteka ryose, Izina rye rihimbazwe! Amina. Yego mugenzi. Yarabisezeranije. Azabikora. Ni Ubuzima bwanjye, Ni Umuyobora wanjye, Byose-muri-Byose. Naramwizeye. Nagize ibigeragezo bikomeye. Ndamwizera aho nja hose. Ndashaka ko mubikora. Niba mugiyeye gukaraba, mwa bagore mwe, mumwizere. Niba mugiyeye mu mujyi, mumwizere.

¹⁰⁸ Nabonye igihe kimwe aho natekereje ko naba ndi kanyeshyamba mwiza, murabizi, narahigaga cyane. Naratekereje nti: "Ndi umuswa gusa, nta muntu ujya... Ntushobora kuntakaza. Mama yari Umuhindekazi uvanze, kandi narabikundaga. Yoo, mbega! Ntushobora kuntakaza mw'ishyamba, mba nzi aho ndi."

¹⁰⁹ Kandi mu kwezi kwa buki, nashutse gato umugore, ndamubwira nti: "Urabizi, mukundwa, byaba byiza kuri twe gushyingirwa ku itariki ya makumyabiri na gatatu Ukwakira." Mu by'ukuri, ni bwo Uwiteka yambwiye kubikora.

¹¹⁰ Naratekereje nti: "Noneho, ukwezi kwa buki, nabitse amafaranga yanjye, kandi muri icyo gihe nzamujiyana hafi ya Niyagara, hanyuma nje hejuru ya Adirondack maze mpige gato." Murareba? Naramujyanye rero we na Billy, yari akiri gato cyane. Rero nagombaga kumujiyana mu kwezi kwa buki, kandi rwari urugendo rwo guhiga, narwo, murabizi. Rero—rero natekereje ko byaba ari ikintu cyiza cyo gukora. Nuko ndamujiyana, na...

¹¹¹ Nandikiye Bwana Denton, umurinzi. Kandi twari turimo kuzamuka ku musozi witwa Hurricane. Maze ndavuga nti: "Bwana Denton, ndaje, ndashaka guhiga idubu hamwe nawe muri aka kanya."

¹¹² Na we aravugaga ati: "Sawa, Billy, ngwino." Ati: "Nzaba ndi hariya ku itariki *runaka-runaka*." Ni byiza, nje n'umugore twagezeyo umunsi umwe mbere, na Billy, nuko dusanga akazu karafunze. Hariho ahantu hatwo kugama mu bito.

¹¹³ Aho, Mwene Data Fred Sothmann nanjye twari duherutse kuja maze duhagarara aho. Umwuka Wera, namubonye ahagaze, Urumuri rw'umuhondo ruzenguruka mu gihuru, na Fred ahagaze aho. Aravugaga ati: "Ngwino hano, ndashaka kuvugana nawe. Ejo," ati: "witonde, baguteze umutego." Aravugaga ati: "Witonde!" Ni byo, Mwene Data Fred? Naragiye maze mbwira abantu amagana muri iryo joro, hakurya muri Vermont, Ndamwizera nti: "Hano hari umutego banteze; Ngiye kuwureba. Sinzi aho uherereye." Nuko mu ijoro ryakurikiyeho, araza, hariya. Aravugaga ati: "Nguyu umutego baguteze." Yego, mugenzi. Ariko Umwuka Wera yanyeretse ibyo ngomba gukora.

Kandi, yoo, mbega, ibyo byari byiza rwose! Yoo, benshi muri mwe muzi ibyo ari byo. Nta mwanya mfite wo kubivuga.

¹¹⁴ Ariko guhagarara aho hantu icyo gihe, hatangira gukonja uwo munsu. Bwana Denton yaje bukeye bwaho, ndavuga nti: “Urabizi, mukundwa, byaba byiza mbonye a—amafaranga menshi yo kujyana mu rugo.” Ndavuga nti: “Twakoze. . . Nabwirijwe kuzigama aya mafranga, kandi tugiye gushyingiranwa.” Ndakomeza nti: “Twabona inyama zacu z’itumba ndamutse mbonye umuhigo gato uyu munsu.”

¹¹⁵ Na we aravuga ati: “Ni byiza, komeza, Billy.” Ati: “Noneho, wibuke, ntabwo nigeze mba muri aya mashyamba,” ni ko yavuze. Yari ari ku birometero nka makumyabiri na bitanu hejuru ku musozi, murabizi, ati: “Ntacyo nzi kuri ibi.” Nuko aravuga ati: “Nanjye rero. . .”

¹¹⁶ Ndavuga nti: “Ni byiza, ubu, turibuka, hashize imyaka ibiri nishye izo dubu eshatu. Izo zari zivumbutse hariya hejuru y’umusozo.” Nuko ndavuga nti: “Noneho, nzabona amafaranga menshi kandi tuzabona idubu,” ndavuga nti: “tuzaba dufite inyama zacu z’itumba.” Ni byiza, iryo jwi ni ryiza rwose, murabizi. (Kandi twasoromye inkeri z’umukara, tubona amakara yacu kubw’ibyo—kubera iyo mbeho; nuko rero Billy arazigurisha, na Meda nanjye ndabafata nimugoroba nyuma yo kuva muri gahunda zanjye.) Noneho rero—Ndavuga nti: “Ni byiza, ngiye gufata imbunda yanjye, maze manuke hano.” Ndavuga nti: “Hano hari impongo nyinshi, ndaza kubonamo imwe.” Nanjye nti: “Murabizi,” Ndavuga nti: “noneho nzayifata.” Ndongera nti: “Tuza. . . Nzagaruka mu gihe gito.”

Aravuga ati: “Ni byo.”

¹¹⁷ Noneho, igihe natangiraga, byari gahoro. Kandi buri wese abantu bo muri New Hampshire, haruguru aho muri New England, bazi icyo bivuze iyo kiriya gihu kimanutse, cyangwa ahandi hose mu misozi, ntumenya aho uri. Ibyo ari byo byose. Ntushobora kubona ikiganza cyawe imbere yawe. Noneho rero natangiriye hasi binyuze mu—mu gukata gato, nka gutya, manuka hepfo, hanyuma nambuka umusozo maze ndazamuka. Kandi nabonye urusamagwe, nk’uko barwita hano muri kariya gace k’igihugu. Turwita, mu Burengerazuba, ikingwengwe. Ni ko barwita, haruguru hariya, intare yo ku musozi. Byose ni inyamaswa imwe. Ni puma, mu by’ukuri ni cyo iri cyo. Injangwe imwe, ifite uburebure bwa metero icyenda, ipima hafi ibiro ijana na mirongo itanu, magana abiri. Yambutse umuhanda, mpita nsohora imbunda mu buryo bwihuse, ntihuse cyane kugira ngo mbashe kuyihamya.

¹¹⁸ Ni byiza, nanyereye hejuru y’umusozo, nirukankana urwo rusamagwe, nitegereza amababi y’ibiti aho rwaciye, murabizi. Nashoboraga kurwumva. Rwari rufite amajanja ane. Nari nzi ko atari inyamaswa y’amajanja abiri, ifite amajanja ane. Kandi

nari nzi ko atari impongo, 'kuko impongo yo irataruka. Kandi yashoboraga kunyerera byoroshye, injangwe, murabizi, nk'iyoy. Kandi idubu izunguza amajanja iyo igenda. Kandi rero nari nzi ko ari ko bigomba kugenda ku rusamagwe. Kandi rwari inyuma y'igiti kandi ntarubonye, kugeza ubwo narurabutswe gusa, rwigendeye.

¹¹⁹ Kandi nitegereza aho rwahungabanije amababi rugenda, murabizi, hejuru y'umusozi, no hepfo nk'aho, kandi ntabwo narebaga kiriya gicu kiza igihe cyose, murabizi, kimanura igihu. Nanyereye, njya mu kibaya kinini nsohoka njya mu Bihanamanga, nkurikiye uru rusamagwe. Naribwiye nti: "Nzarucakira nyuma y'igihe gito." Nabona ahantu, nkiruka ngana ahantu hirengeye, nkareba hirya no hino nka gutyo, nkareba hirya no hino, nkareba maze nabasha karubona; ndwumva hafi rwose, hanyuma ndamanuka, ndongera ndanyerera. Mushobora kumva urusamagwe rugenda, ndushoreye mu nzira imbere yanjye, uko rusohoka. Murareba, rwahitanaga ibiti noneho sinshobore kurukurikira. Murareba, rwagize ubwenge, ruhaguruka mu biti rusimbuka ruva ku giti rujya ku kindi. Noneho rwamenye ko ntashobora kurukurikirana hariya. Yoo, ndibwira nti: "Yoo, icyubahiro kube icy'Imana!"

¹²⁰ Natangiye gusubira hejuru mu mukoki, nuko idubu irancika, idubu ishaje. Ndatekereza nti: "Ndaza kuyibona mu kanya, muhungu, ni byiza!" Nakomeje kuyibura, njya kure gato, ndeba ibimenyetso by'ubwoko bwose n'ibintu byose. Sinashoboraga kugira icyo mbona; nuko nsubira inyuma, nsubira hepfo hakurya y'umusozi. Noneho ntangiye kubona, ncanganyukiwe gato. Kandi nongeye kuyibura, yari mu kirere ahantu runaka. Ndavuga nti: "Oya. Noneho, uko byagenze, umuyaga wazaga *gutya*, nuko nanjye nza... Idubu nayo yazaga ryerekeza muri *ubu* buryo, nuko nambuka hirya no hino maze umuyaga uturuka muri iki cyerekezo kindi. Nuko binsaba gusubira aho numvise idubu ubwambere, maze nyikura aho."

¹²¹ Kandi mu muhanda ngaruka inyuma, narebye hakurya y'umukoki, mbona ibihuru binyeganyega. Nuko maze kubikora, ikintu cyirabura kiranyeganyega. Ndatekereza nti: "Ngiriya." Nashyize igisasu mu mbunda, byihuse, ndahagarara. Kandi, mbikoze, cyari igipfizi kinini, kinini cyane. Ndatekereza nti: "Ni byo gusa nashakaga, uko byagenda kose." Kurasa icyo gipfizi.

¹²² Ndatekereza nti: "Ni byiza!" Sinigeze mbona ko ari ubwoko... Igihe nayitungaga imbunda, naritegereje... Nahanaguye ibiganza byanjye nuko mbika icyuma, ngisubiza mu rwubati. Ndatekereza nti: "Imana ishimwe! Urakoze, Mwami Yesu, Wampaye inyama z'umuhigo wanjye w'itumba. Imana ishimwe!" Nuko mfata imbunda yanjye. Ndatekereza nti: "Ndasubira inyuma hejuru y'umukoki hano." Ndavuga nti:

“Reba hano, muhungu, umuyaga uraje. Ni byiza ko mva hano ngasanga Meda n’abandi.” Ndavuga nti: “Ngomba kwihuta.”

¹²³ Nagiye hejuru y’umukoki, mfungura ikote ryanjye ritukura, maze niruka hejuru y’umukoki nka *gutya*, njya hirya no hino. Ikintu cy’urubura cyari ku muhanda, igihu kibuditse hasi, hanyuma ntangira kubibona. Ndatekereza nti: “Mbega, nazimiriyeye he?” Umuyaga wari umaze kumanuka, ibiti byizunguriza hamwe. Ndatekereza nti: “Nayobeye he?” Narazengurutse. Njye—Njye nari nzi ko ngiye guhita njya ku Musozi wa Hurricane. Ariko naje guhagarara, ndimo kubira ibyuya, ndatekereza nti: “Ni ikihe kibazo kiri hano? Nagenze isaha n’igice, cyangwa bitatu bya kane, kandi sinabasha kubona aho hantu nazimiriyeye.” Nubuye amaso, mbona impongo zanjye. Nari ndi ahantu hamwe. Ndatekereza nti: “Ese, nakoze iki?”

¹²⁴ Nongeye guhaguruka. Ndatekereza nti: “Ndabikora iki gihe, gusa ntawo nabibonaga.” Narebye buri kintu gito kigenda ahantu hose, ndareba. Nakomeje gushakisha, gushakisha, gushakisha. Ibicu byaho biza, nzi ko igihuhusi cy’urubura cyari ku muhanda, igihu kibuditse hasi, hanyuma ntangira kubibona. Ndatekereza nti: “Ndaza kujya kure gato,” naragiye, ndagenda, ndagenda, ndagenda, ndagenda, ndagenda. Ndatekereza nti: “Ni byiza, ibi ntibisanzwe, ni nk’aho nari narabonye aha hantu mbere.” Nuko nditegereza, mbona impongo zanjye. Murareba?

¹²⁵ Muzi ibyo nari ndimo? Abahinde babyita “urugendo rwo gupfa.” Murareba, urimo kugenda mu ruziga, kuzenguruka no kuzenguruka. Ni byiza, natekereje ko ndi umuyobora mwiza cyane ku buryo ntashobora kuzimira. Murareba, nta kintu cyagombaga kumbwira mu mashyamba, nari nzi inzira yanjye. Murareba?

¹²⁶ Nongeye gutangira. Ndavuga nti: “Ntabwo nshobora gukora ikosa.” Nuko ndongera ndagaruka.

¹²⁷ Nazamutse agace gato k’umukoki, noneho hari hatangiye guhuha umuyaga. Yoo, mbega, urubura ahantu hose! Ngenda mu mwijima. Kandi nari nzi ko Meda iryo joro aza gupfira mu butayu, ntabwo yari azi kwiyitaho. Kandi Billy yari afite imyaka igera kuri ine, yari afite imyaka itatu, akana gato. Ndatekereza nti: “Baarabigenza bate?” Ni byiza, narazamutse njya kure maze nsitara buriri bwa muse, ndatekereza nti: “Ndi mu igorofa ahantu runaka, kandi sinshobora kubona ikintu, byose ni igihu gusa.” Ubwo nari ndimo kugendagenda.

¹²⁸ Mu bisanzwe, mba narabonye ahantu nikinga iyo nza kuba mfite umuntu turi kumwe, Mba narikinze ahantu ngategereza kugeza umuyaga urangiye, umunsi umwe cyangwa ibiri, hanyuma ngasohoka, nakase igice cyanjye cy’impongo, ngishyira mu mugongo, hanyuma ndinjira, ndarya, maze ndabyibagirwa. Ariko ntushobora gukora ibyo kandi umugore wawe n’umwana wawe baryamye hariya mu mashyamba, bababajwe. Murareba?

129 Ubwo natangiye gutekereza nti: “Nakora iki?” Ubwo nahise njya kure cyane. Naratekereje nti: “Noneho, tegereza. Igihe nambukaga icyo kibaya cya mbere, umuyaga wari mu maso hanjye, ngomba rero kuba naje muri iyi nzira. Ngomba kuza muri iyi nzira.” Kandi nari nayobye njya mu Bihanamanga, ariko sinari nzi aho ndi. Ndavuga nti: “Yoo!” Ntangiye guhagarika umutima. Ndatekereza nti: “Tegereza gato, Bill, utazimira,” ngerageza kwishyiramo akanyabugabo. Ntushobora kwibeshya. Oya, oya. Umutimanama w’imbere ukubwira ko wibeshye.

130 Yego—ugerageza kuvuga ngo “Yoo, narakijijwe, njya mu rusengero.” Ntugire impungenge, utegereze kugeza ubwo buriri bw’urupfu buje, kandi uzamenya ko bitandukanye. Umutimanama wawe urabikubwira. Ikintu kiri imbere muri wowe kikubwira ko wibeshye. Murareba? Uzi ko niba wapfuye udashobora guhura n’Imana yera. Nk’uko twabibonye mw’ijoro ryakeye, n’abamalayika bera bagomba kwitwikira mu maso kugira ngo bahagarare imbere Yayo. Ni gute uzahagarara hanze y’Amaraso ya Yesu Kristo kugira ngo agutwikire?

131 Ndatekereza nti: “Yoo, nzabikora.” Naratangiye. Kandi nasanze nakomeje kumva Ikintu. Hanyuma ngira ubwoba. Ndatekereza nti: “Noneho, ninkora ibyo, ndaba ndaba ngiye gucagagurwamo ibice.” Ni byo mu bisanzwe umuntu wazimiye akora, usanga asesera mu mashyamba. Noneho azafata imbunda ye, yirase; cyangwa agwe mu mwobo avunike ukuguru, maze aryame aho, ahapfire. Ndatekereza rero nti: “Nkore iki?” Nuko ntangira kugenda.

132 Nakomeje kumva Ikintu kivuga kiti: “Ndi Umufasha uboneka cyane mu gihe cy’ibibazo.” Nkomeza kugenda.

133 Ndatekereza nti: “Noneho, nzi ko ndimo negerayo gato ubu, ndumva Ijwi rivugana nanjye.” Narakomeje. Ndagenda “*piriririii, piriririii, piriririi*,” mvuza ifirimbi, murabizi. Ndatekereza nti: “Noneho, ntabwo nazimiye. Uzi aho uri, muhungu! Bikugendekeye bite? Ntushobora kuzimira. Urimo—urimo umuhigi mwiza cyane, ntushobora kuzimira.” Ndirata, murabizi, bituma nishyiramo akanyabugabo.

134 Ntushobora kubeshya. Mumanuke hano hari uruziga ruto ruzenguruka ruvuga ngo: “Muhungu, wazimiye kandi uzi ko wazimiye. Murareba, wazimiye.”

135 Nakomeje kugenda. “Yoo, ntabwo nazimiye! Ndaza kuba meze neza. Ndaza kubona inzira yanjye.” Ibintu bitangira guhinduka, umuyaga uri hafi. Urubura rutangira kuguruka, urubura ruto rw’amahindu, tubyita “inkonda zigwa.” Ndatekereza nti: “Umugore n’umwana! Ntabwo ndi...” Ndatekereza nti: “Yoo, mbega!”

136 Mu buryo butaziguye ibyo nongeye kubyumva, ngo: “Ndi Umufasha uhari cyane mu gihe cy’ibibazo.” Kandi nari umukozi

mu murimo w'ubutumwa bwiza icyo gihe, mbwiriza hano ku rusengero.

¹³⁷ Ndatekereza rero nti: “Nakora iki?” Narahagaze, ndeba ahantu hose, maze ako kanya mbona igihu gitangiye kumanuka. Njye... Ni ko byari bimeze. Nta kintu na kimwe cyashoboraga gukorwa icyo gihe. Ndatekereza nti: “Nakora iki?” Ndatekereza nti: “Nyakubahwa, ntabwo nkwiye kubaho, nagize kwigirira icyizere gikabije. Natekereje ko ndi umuhigi, ariko sindi we.”

¹³⁸ Kandi, mwene Data, Weburi gihe naramwizeye. Kurasa, Mfite inyandiko haruguru hariya. Kandi ndi umurobyi, Ndi umukene, ariko We naramwizeye buri gihe. Kurasa, Ndi umutindi w'umurashi, ariko Yarandetse ngo mpinduke icyamamare cy'isi kuri ibyo. Murareba? Kurasa impingo, uri muri metero magana arindwi, magana inani. Mfite imbunda haruguru hariya yishe imutwe mirongo itatu n'itanu y'umuhigo ntahusa. Gusa ibyo wabisoma aho hose, niba ubishoboye. Murareba? Ntabwo ari njye, ni We. Naramwizeye.

Nari ndi aho, ndatekereza nti: “Nakora iki? Nakora iki?”

¹³⁹ Narakomeje... Ibyo bikarushaho kunsanga, kunsanga, “Ndi Ubufasha buhari cyane mu gihe cy'ibibazo, Ubufasha bw'ingoboka.”

¹⁴⁰ Naratekereje nti: “Iyo ni yo Mana ivugana nanjye?” Nakuyemo ingofero. Nari mfite ingofero yanjye y'irondo, igitambaro gitukura. Nabishyize hasi. Nakuyemo ikoti ryanjye, ryari ritose. Nashyize ikoti ryanjye hasi, nshyira imbunda yanjye ku rubavu rw'igiti. Ndavuga nti: “Data wo mw'Ijuru, ubu ndimo kurenga njye ubwanjye, ndumva Ijwi rivugana nanjye. Ni Wowe?” Ndavuga nti: “Mwami, ngiye kukwemerera ko ntari umuhigi. Ntabwo ndi we, njye—njye sinshobora kubona inzira yanjye. Ugomba kumfasha. Ntabwo nkwiye kubaho, no gukora ibintu nakoze, kwinjira hano nkibwira ko nzi byinshi ku bijyanye no kuzimira. Ndagukeneye, Mwami. Umugore wanjye ni umugore mwiza. Umwana wanjye, umuhungu wanjye muto, nyina yarakomeje, kandi agerageza kumubera nyina, kandi ni bwo ngishyingiranwa na we. Kandi hano ari, umwana, aho mw'ishyamba, bombi baraza gupfa iri joro. Uwo muyaga, uraza kuzana ubukonje bugera hafi kw'icumi munsu ya zeru, kandi ntibaza kumenya uko babaho. Baraza gupfa iri joro. Ntureke ngo bapfe, Mana. Unjyane mbasange, kugira ngo mbone batari bupfe. Nazimiye! Nazimiye, Mana! Njye—njye sinshobora kubona inzira yanjye. Mbese ntushobora kumfasha? Kandi umbabarire kwishakira inzira yanjye-bwite! Ntacyo nshobora gukora ntari kumwe na We, uri Umuyobora wanjye. Uramfasha, Mwami.”

¹⁴¹ Narahagurutse, maze ndavuga nti: “Amina.” Mfata igitambaro cyanjye; ikoti ryanjye, ndariterura; nambara ingofero yanjye; mfata imbunda yanjye. Ndavuga nti: “Noneho

nzikosora mu buryo bwiza cyane nzi inzira nanyuramo, uburyo bwiza cyane nabyumvamo; kandi nzagenda inzira imwe, 'kubera ko ndimo kuzenguruka uruziga ahantu runaka, sinzi aho ndi. Ariko nzagenda nk'uko umbwira, Mwami Mana, Muyobora wanjye."

¹⁴² Natangiye kugenda muri *iyi* nzira. Ndavuga nti: "Ni iyi, kandi ngomba kwihatira kubyizera ubwanjye. Ngiye muri *iki* cyerekezo. Ngiye muri *iki* cyerekezo. Ntabwo ngihindura, ngiye *gutya*. Nzi ko mvuze ukuri. Nyuze muri *iki* cyerekezo." Iyo nza kunyura muri iyo nzira, nari kwerekeza muri Kanada. Murareba?

¹⁴³ Muri ako kanya numvise Ikintu kinkora ku rutugu, ikiganza, numvaga ari ikiganza cy'umuntu, rero, vuba narahindukiye ngo ndebe. Nta muntu wari uhagaze aho. Naratekereje nti: "Icyo cyari igiki?" Hano hari Bibiliya irambitse imbere yanjye. Imana, Yo Muyobora wanjye n'Umucamanza, ihagaze hano. Nubuye amaso. Ngarutse muri *iyi* nzira, icyo gihu cyasubiye inyuma kugeza aho mbonye umunara hejuru y'Umusozi wa Hurricane. Nkomeza imbere mu nzira iri kure yacyo, ibyiza by'ubushobozi bwanjye bwo guhiga, Nari ngiye kure yacyo, ngerayo mu by'ukuri bitinze uwo mugoroba. Mu by'ukuri narihuse, ndiyobora ubwanjye nka *gutya*. Nafashe ingofero yanjye nzamura ibiganza, maze ndavuga nti: "Unyobore, Mana, Ni wowe Muyobora wanjye."

¹⁴⁴ Naratangiye. Nagombaga gukomeza imbere neza nifitiye icyizere n'ibindi byose ngo ngereye, bitinze cyane. Nuko burira. Impongo zasimbukaga imbere yanjye, n'ibindi byose. Nta kindi nashoboraga gutekereza usibye kwigumira mu nzira imwe, hejuru y'uyu musozi.

¹⁴⁵ Kandi nzi ko ndamutse ngeze ku munara, Bwana Denton nanjye... namufashije gushyiraho umurongo kuri uyu muhindo. Twakuye insinga za terefone ku Musozi wa Hurricane, tumanuka nko muri kilometero eshatu n'igice cyangwa enye, hepfo neza y'inkambi. Kandi twagiye muni y'umuhanda muto, ariko, hari urubura rwinshi hariya, ntiwashoboraga kumenya inzira. Murareba? N'umuyaga uhuha n'ibintu byose, hari umwijima n'umuyaga kandi, ugenda, ntiwashoboraga kumenya aho uri. Ni byiza, ikintu cyonyine nari nzi gukora, bumaze kwira, sinari nkigishoboye... Nzi ko nagiye inzira imwe, kandi neza hejuru y'umusozo. Impamvu nagombaga kuzamuka umusozi, nkagera ku munara washyizwe hejuru y'umusozo, kandi nari mfite ibirometero bitandatu kugira ngo nywugereho. Tekereza gato, kiriya gihu kigenda cyeyuka, mu birometero bitandatu, umugabane umwe gusa, kugeza igihe nywubonye!

¹⁴⁶ Hanyuma nje—nagombaga gufata imbunda yanjye muri *iki* kiganza, maze nkazamura *iki* kiganza hejuru, 'kubera ko nari nahambiriye i—insinga ku biti nka *gutya* nkamanuka,

insinga za telefone zikagera kuri kabine, kugira ngo ashobore kuvugana n'umugore we, hanyuma ahamagare avuye aho, ku musozi. Kandi nari ngiye kumufasha kuyikuramo uko byagenda kose. Nuko ndambura ukuboko *gutya*, ndavuga nti: “Mana, reka nkore kuri uwo murongo.” Ndagenda, kandi ukuboko kwanjye kwarababaraga cyane, kunaniwe, sinshobore kukugumisha hejuru, bikaba ngombwa ko nkumanura. Kandi nahindura imbunda nkayishyira muri *uko*; ngasubira inyuma intambwe ebyiri kugira ngo nizere neza ko ntahusha, noneho nzamura ukuboko hejuru, ntangira kugenda, ndagenda. Natinze, mu mwijima, umuyaga uhuha. Yoo, Nafashe ishami rinini, ndavuga nti: “Ni byo! Oya, ntabwo ari ibyo.” Yoo, itanga... Ntukemere ko itanga ijwi ritizeweazwi.

¹⁴⁷ Nyuma y'igihe, iyo niteguye kubireka, ukuboko kwanjye gukuma ku kintu. Yoo, mbega! Nari nabonetse, igihe nari nazimiye. Nafashe urwo rusinga. Namanuye imbunda hasi, nkura ingofero mu mutwe wanjye, mpagarara ahongaho. Ndavuga nti: “Mana we, mbega ibyiyumvo bigomba kuboneka, mu gihe wari wazimiye.” Ndavuga nti: “Ndamanuka kugeza ku mpera y'uru rusinga, ntabwo nongera kurubura. Ndakomeza gufata kuri uru rusinga. Ruranyobora neza ahantu hose kuri iyi si aho uwo muntu w'igiciro kuri nje aryanye, neza hepfo hariya. Umugore wanjye n'umwana wanjye, mu by'ukuri batazi aho ndi, batazi uko bacana umuriro, batazi icyo bakora, n'umuyaga uhuha, n'amashami ahanyuka akagwa ava ku biti.” Sinageregeje kurekura urwo rusinga. Nafashe urwo rusinga kugeza runyoboye neza aho abantu b'igiciro kuri nje bari.

¹⁴⁸ Ibyo byari ibintu biteye ubwoba, kandi bwari uburambe bukomeye bwo kubona inzira yanjye, ariko ibyo ntibyari kimwe cya kabiri cyabyo. Umunsi umwe, natakaye mu byaha. Nagiye mu rusengero nyuma y'amateraniro, ngerageza gushakisha Ikintu. Nagiye ku Badiyentisiti b'umunsi wa Karindwi, barambwira bati: “Komeza Isabato, ureke kurya inyama.” Nagiye mu rusengero rw'Ababatisita, itorero rya mbere ry'Ababatisita, bati: “Gusa haguruka ubabwire ko wemera Yesu Kristo Umwana w'Imana, nanjye nzakubatiza, birahagije.” Nta kintu na kimwe. Ariko umunsi umwe, ndi mu gihangari ahabikwa amakara, narambuye ibiganza byanjye hejuru, Mfata Ikintu; cyangwa se, nshobora kuvuga ngo, Ikintu cyaramfashe. Wari Umurongo w'ubuzima, Umuyobora. Kandi Yanyoboye neza kugeza ubu, ntabwo nigeze nkura uwo Mugozi mu kiganza cyanjye. We muramburiye ibiganza. Reka imihango, amadini akore icyo ashaka cyose, nishingikirije Umuyobora. Ku bintu byose byahozze kw'isi n'ibiri mw'Ijuru, buri gihe bisobanura agaciro kuri nje, biri kumpera y'uyu Murongo. Yanzaniye amahoro kugeza ubu, We nzamwizera inzira zose. “Ubwo Umwuka Wera naza, Azabayobora kandi Azabayobora muri byose...”

¹⁴⁹ Nshuti, byangejeje aho ndi uyu muni. Byangize icyo ndi cyo. Nshobora kwishimira kubibamenyeshya. Ni Umuyobozi wenyine mfite icyo ari cyo cyose muziho, kuko hano kw'isi cyangwa hejuru Hariya. Ni Umuyobozi wanjye iyo ngiye guhiga. Ni Umuyobozi wanjye iyo ngiye kuroba. Ni Umuyobozi wanjye iyo mvuganye n'umuntu runaka. Ni Umuyobozi wanjye iyo mbwiriza. Ni Umuyobozi wanjye iyo nsinziriye.

¹⁵⁰ Kandi nimba ngiye gupfa, Azaba ahagaze ku ruzi. Azanyobora inzira yose. "Ntabwo nzatinya ikibi, kuko Ari kumwe nanjye. Inkoni yawe n'inshyimbo byawe, bizankosora kandi binyobore hakurya y'uruzi."

Mureke dusenge.

¹⁵¹ Data wa twese wo mw'Ijuru, ndashimira cyane kubw'Umuyobora, Umwe Unyobora nyewe. Yego, rimwe na rimwe, Data, simwumva hafi yanjye, nkagira ubwoba. Ndashaka ko We aba hafi yanjye kuko ntazi igihe nzirukira ku ruzi. Ndashaka ko We aba hafi yanjye. Ntuzigere untererana, Mwami. Sinshobora kuvuga, sinshobora kubwiriza, sinshobora guhiga mu ishyamba, sinshobora kuroba mu cyuzi, sinshobora gutwara imodoka yanjye, nta kintu nshobora gukora tutari kumwe na We. Uri Umuyobozi wanjye. Mbega ukuntu nishimiye kuvugana n'iri torero iri joro, mbega ukuntu wanyoboye muri ibyo bintu byose, mbega uko wantaruye!

¹⁵² Natekerezaga ejubundi; bitarenze imyaka mike ishize, ko uhagaze hano ku muhanda, kandi kubera ko umuryango wanjye wakoze nabi, nta muntu n'umwe washoboraga kumvugisha. Nari nnyenyine kubera ubusabane. Nta muntu n'umwe wifuzaga ko hagira icyo nkora. Baravugaga bati: "Papa we ni umujura." Kandi, Mwami, nabonye nta muntu washoboraga kuvugana nanjye. Kandi nkunda abantu. Ariko umunsi umwe ubwo nafaaga uwo murongo! Noneho ndatekereza nti, Mwami, ngomba kunyerera nkasohoka nkajyamu butayu kugira ngo nduhuke gato. Byamariye iki? Ntabwo ari kamere, ntabwo ari uburere; Nta na kimwe mfite. Ariko yari Wowe, Mwami. Wowe, Mwami. Wanyemereye kurasa ntahusha, Wanyemereye gufata amafi manini, kuko Uzi ko nashakaga kubikora. Wampaye ba data na ba mama. Wampaye abavandimwe. Wampaye ubuzima bwanjye. Wampaye umugore. Urampa umuryango. Uri Umuyobora wanjye, Mwami. Reka mfate ukuboko kwawe, ntuzigere unyemerera guhinduka. Niba ikiganza kimwe kirambiwe, nzahindura ibiganza gusa. Mfasha, Mwami.

¹⁵³ Noneho buri wese hano afate icyemezo cy'Ubuzima bumwe, Mwami, Umwuka Wera aribwo Buzima bwacu, umutungo utanga ubuzima. Kandi Bituyobore twese kuri kiriya Gihugu cyiza bisesuye, aho imirimo y'ubuzima irangiye kandi imirimo yacu kw'isi ikorerwa, hanyuma ntihazongere kubaho ubusaza, nta bantu bafite intege nke babayo, nta kuzongera

kurambirwa n'ijoro, nta kurira no gusenga, nta gicaniro kizongera guhamagarwa, ariko tuzaba abasore ubuziraherezo, uburwayi n'umubabaro ntibizongera kubaho. Nta cyaha kizongera kubaho, kandi tuzabaho mu gukiranuka kw'Imana mu bihe byose biri imbere, binyuze mu bihe bidashira. Byemere, Data.

¹⁵⁴ Noneho, Data, niba hari umuntu uri hano muri iri joro utarigeze afata uwo Murongo w'ubuzima, nibabibone nonaha. Kandi Umwuka Wera abe Ari wo unyobora. . . Kandi nshobora kuvuga mbikuye ku mutima, nshyize ikiganza cyanjye ku Ijambo Ryawe, Yahoraga iteka afite ukuri. Nibeshye inshuro nyinshi. Ariko Afite ukuri. Reka Agumane nanjye, Mwami. Reka ngumane na We. Kandi hari n'abandi bari hano, batamuzi muri iri joro, bafate ukuboko kwe kudahinduka, kugira ngo bayoborwe.

¹⁵⁵ Kandi umunsi umwe tuzasohoka tujye ku ruzi. Hazaba hari ibicu muri icyo gitondo, kandi. Inyanja ya kera izahorera, Yorodani ya kera, imiraba izatuzwa, urupfu runiga ubuzima muri twe. Ariko, Mana, nje—nje ntabwo nzagira ubwoba. Nabikemuye kera cyane. Gusa ndashaka gukuramo ingofero, nk'uwanyesheje, nzenguruke, ndebe inyuma mu nzira kugira ngo nitegereze aho uwo Murongo wanyoboye. Ndebe ubutayu bwose nanyuzemo, na buri gihuru cyose, hamwe na buri buye ryose nasitayeho, ariko gufata Urusinga. Nk'uko wabivuze, umusizi yabigenje:

Bamwe banyuze mu mazi, abandi banyuze mu mwuzure,

Bamwe banyuze mu bigeragezo byimbitse,
ariko byose byanyuze mu maraso.

Kandi ndashaka gufata *Ibi*, Inkota ishaje hano, iyo yandinze inzira yose, maze nkayisubiza mu rwubati rwayo, Urusaku, "Data, nyohereza hakurya y'ubwato muri iki gitondo, nje mu rugo." Uraza kuba uhari, Mwami. Warabisezeraniye. Ntushobora gutsindwa.

¹⁵⁶ Ha umugisha abantu bose bari hano ubu. Niba kandi batazi gufata uyu Murongo, kandi bakaba batarigeze bawukoraho, ibiganza byera bizamuwe nonaha, barashaka ubufasha, barifuza ubufasha, hanyuma ukore kuri uyu Murongo w'ubuzima uzabageza ku myumvire y'umutima wabo, amahoro yuzuye no kunyurwa, kuruhukira muri Kristo.

¹⁵⁷ N'imitwe yunamishijwe, hari ubwo ibiganza byazamuwe bavuga bati: "Reka ndeke. Mfata ukuboko"? Mana, Imana iguhe umugisha.

Iyo nzira nikomeza kwijima biteye ubwoba,
Mwami w'agaciro, ubabe hafi,
Ubuzima bwanjye niburembera;
Nzahagarara ku mugezi,

Yobora ibirenge byanjye, mfata ukuboko,
Fata ukuboko kwanjye, Mwami w'agaciro,
unyobore.

¹⁵⁸ Haba hariho undi wazamura ikiganza, vuga uti: “Mwami, ndashaka kumva Umurongo w’ubuzima unkoraho iri joro. Ndashaka kumva Kristo yambabariye ibyaha byanjye, kandi ndashaka kuba ikiremwa gishya guhera kuri iyi saha”? Imana iguhe umugisha. Haba hariho irindi jambo rigira riti: “Reka Unkoreho, Mwami. Reka mbure njyewe ubwanjye”? Imana iguhe umugisha, mushiki wanjye. “Reka mbure, maze ububone, Mwami, muri Wowe.” Imana iguhe umugisha. Kandi Imana iguhe umugisha. Ni byo. “Reka mbure ubwanjye, Mwami. Reka mbe uwawe.” Imana iguhe umugisha, mwene Data. “Reka nze. . .” Imana iguhe umugisha, mushiki wanjye. “Reka ndeke ubwenge bwanjye bwose.” Imana iguhe umugisha, mushiki wanjye. Ntukizere gahunda zakozwe n’abantu. Kurikira Umuyobora, Azakuyobora mu Ukuri kose. “Umyobore, Mwami Yesu, unyobore.” Imana iguhe umugisha hariya inyuma. Yoo, hari ibiganza byinshi byazamuwe, bashaka agakiza. Noneho mu gihe turi. . .

¹⁵⁹ Igicaniro hano, ntushobora guhamagara igicaniro, kuko abantu bahicaye hose. Ariko We ari hano. Murabizi byanze bikunze, iyo muzamuye ikiganza, hari ikintu cyiba mu mitima yanyu. Yesu yaravuze ati: “Uwumva Amagambo yanjye akizera Uwantumye, afite Ubugingo buhoraho.” Urashaka kuvuga? Noneho hano hari ikidendezi cyuzuye amazi. Haraza kubaho umwanya uhagije wo kubatizwa. Reka dusenge.

¹⁶⁰ Data wa twese wo mu Ijuru, ubu butumwa bwatangajwe muri iri joro binyuze mu ijwi ritontoma, Umwuka Wera agomba kuba yagiye hanze ahantu runaka. Yagiye aho yari agenewe, kandi hariho benshi, Mwami, iri joro, abagera kuri cumi na batanu cyangwa makumyabiri bazamuye ibiganza, ko bakeneye Umuyobora. Bamenye ko bagerageza kwibeshya ubwabo. Bagerageza kuvuga bati: “Meze neza,” ariko inzira yimbitse bazi ko atari yo. Kandi barashaka kukumva, Mwami. Bashaka Umuyobora. Bashaka kwiyezeza. Ntushobora kurenza urugero. Bashaka kwiwandikisha muri uru rugendo. Ntabwo bazi uko bagerayo. Ntawe uzi kubajyanayo; Keretse Wowe wenyine. Baraje ku buyobozi bwatanzwe n’Imana, Umwuka Wera. Barambye ibiganza.

¹⁶¹ Yewe Umwuka Wera n’Umuyobora, nabamanukire. Babarira ibyaha byabo byose. Babarira ibicumuro byabo. Bajyane mu mubiri wa Kristo iri joro, aho bashobora kumva imbaraga z’Imana zinyura muri uwo Murongo ibyo bizabamanura muri Yorodani, no hakurya ya Yorodani kugera mu Gihugu cyasezeranijwe. Nibakurikire neza bajye inyuma y’Ijambo. Ijambo riravuga riti: “Nimwihane, hanyuma mubatizwe mw’Izina rya Yesu Kristo.” Ntibagerageze mu bundi buryo.

Nibakurikire bajye inyuma y'Ijambo, kuko Ari We uzayobora. Ni byo i—iyo ni yo ntambwe yo kuzamuka kugeza igihe dushobora kugera ku Muyobora. Emera, Mwami. Nibabe Abawe. Biri mu maboko yawe ubungubu, nk'ibikombe, nta muntu n'umwe ushobora kubukuramo. Nizera ko Uzabafata, nk'abantu bakijijwe. Nizera ko bazamuye ibiganza, ntibashoboraga kubikora ubwabo keretse Ikintu kibavugishije. Uwo ni Wowe, Umwuka Wera n'Umuyobora.

¹⁶² Babona isaha irangiye, igihu kije kutwikira isi, imigenzo ikomeye kandi—kandi ibintu bihurira hamwe, amatorero aterana, yihuza. Kandi, Mana, uko bagerageza kuvuga, "Ibintu byose bifite umwihariko bigomba kuva hano bikajya muri Alaska." Kandi ibyo bintu byose bibangamye, ntabwo ari shyashya kuri twe, Ubuyobozi bukomaye bwatweretse ko mu nzira y'Ijambo. Turimo kunyura muri kiriya gice Cyaryo.

¹⁶³ Data Mana, Wavuganye nabo muri iri joro, ndabaguhaye ubu nk'ibikombe by'Ijambo. Mw'izina rya Yesu.

¹⁶⁴ Noneho, birambitse ku meza hano, Data, ibi ni ibitambaro, ni iby'abarwayi, umwana muto, birashoboka, nyina, mushiki wacu, mwene Data se; ndetse n'imisatsi mike yabashizeho. Noneho ubu ndabiyegereje hafi yanjye. Noneho, twigishijwe muri Bibiliya ko bakozaga ibitambaro n'imyenda ku mubili wa Paul, n'abarwayi bagakira, imyuka ihumanya ikava mu bantu. Noneho tumenye neza, Mwami, ko Pawulo yari umuntu, yari umuntu gusa. Ariko byari ugusigwa k'Umwuka Wera kwari kuri we ni ko kwatangaga umugisha ku bitambaro, no kwizera uko abantu bari bafite ko ari intumwa Yawe. Noneho Pawulo yatuvuyemo, ariko ntabwo ari Umuyobora, Umuyobora aracyari hano. Kandi, Mana, ndagusenga ngo Uhe umugisha ibi bitambaro, kandi reka Umuyobora abayobore ahantu, bakwiyegurire byuzuye.

¹⁶⁵ Twongeye kubwirwa ko mu gihe Isiraheli yakurikiraga Umuyobora wayo, baramanutse bagera kuri Yorodani, baramanutse (ahubwo) kugera ku nyanja Itukura. Aho bakoreraga imirimo bahageze barahagarara, maze Umuyobora arabayobora. Ni ibiki? Kugaragaza icyubahiro Cy. Kandi igihe ibyiringiro byose byashize, Imana yitegereje hasi muri iyo Nkingi y'umuriro, ndetse n'inyanja ishaje yapfuye yagize ubwoba iribirandura, kandi hariho inzira yakozwe kugira ngo Isiraheli inyure mu gihugu cyasezeranijwe.

¹⁶⁶ Muby'ukuri, Mwami, Uracyari Imana imwe. Aba bantu birashoboka ko ari Abakristu, birashoboka ko bari mu nzira y'inshingano, ariko bazanywe aha hantu hagaragara kubw'uburwayi. Itegereze hasi mu maraso ya Yesu iri joro, satani aragira ubwoba, asubire inyuma, kandi abana Bawe bazasohozza amasezerano y'ubuzima bwiza. Byemere, Data.

Mbohereje bava mu mubiri wanjye bajya mu wabo, mu Izina rya Yesu Kristo.

¹⁶⁷ Nzamuye iri torero imbere yawe, kubwo kwizera ndabajyana mu gicaniro cyiza cy’Imana gisanzwe mu Ijuru. Ku byifuzo byose by’uburwayi, ibyo bafite byose n’ibibi, ibitagenda neza mu buzima bwabo aho ari ho hose, Mana, ubahanagure, ubagire Abawe. Bakize Data. Kandi Imbaraga zakuye Yesu mu mva, ihutishe imibiri yabo ipfa kandi ubahindure ibiremwa bishya muri Kristo. Bahe ubuzima bwiza n’imbaraga zo kugukorera.

¹⁶⁸ Nyibuka, O Mwami. Ndi umugaragu Wawe. Mfasha, mpagaze ngukeneye mu isengesho. Kandi ndasenga ngo Umwuka Wera atuyobore kandi adukoreshe, kandi utuyobore kugeza umunsi tuzabona Yesu Kristo imbonankubone ku Ukugaruka Kwe kwiza ubwo tuzamusanganira mu kirere mu Izamurwa. Mw’izina rya Kristo turabisabye. Amina.

Ndamukunda, ndamukunda, nda...
(Uramukunda?)
Kuko yabanje kunkunda
Ambonera agakiza kanjye
Ku giti cy i Kaluvari.

¹⁶⁹ Noneho, niba mudakundana n’uwo mwabonye, ni gute muzakunda uwo mutigeze mubona? Noneho iyo turirimbye tuti: *Ndamukunda*, reka duhe uwo twegeranye ikiganza cy’urukundo.

Ndamukunda...

Imana iguhe umugisha...?...Imana iguhe umugisha...?...Imana iguhe umugisha...?...Imana iguhe umugisha, Mwene Data Neville...?...Uh-huh. Imana iguhe umugisha...?...

Ku giti cy i Karuvari.

Noneho reka tumuzamurire ibiganza.

Ndamukunda, ndamukunda
Kuko Yabanje kunkunda
Ambonera agakiza kanjye
Ku giti cy i Karuvari.

¹⁷⁰ Indirimbo nziza, urashaka kuyumva? Ndumva ko dufite umuyobozi w’ndirimbo y’ivugabutumwa hano uturutse Indianapolis. Ntekereza ko aririmba ku rusengero rwa Cadle Tabernacle. Ni byo? Ni byo, mugenzi. Ni wo mwanya we kuri Cadle Tabernacle. Ni bangahe bibuka E. Howard Cadle? Yoo, mbega! Imana iruhure ubugingo bwe bw’agaciro. Inyoni yo mu kirere, umugore nakundaga kumva aririmba, kurenza umuntu uwo ari we wese nigeze numva aririmba mu buzima bwanjye, yari Madamu Cadle, uririmba, “Mbere y’uko uva mucyumba cyawe muri iki gitondo, watekereje gusenga mw’izina rya Kristo Umukiza wacu, nk’Ingabo uyu muni?”

¹⁷¹ Ku ruhande rw'umuhanda hari umunsi umwe mu gitondo, mu karuri gato gashaje k'ibyumba bibiri, Narahagurutse, ngiye kwinjira no gucana umuriro. Amashyiga ntiyari kwaka. Nagerageje kubitangira, umuyaga uramanuka, mpura n'ikintu mu maso yanjye. Kandi hari hakonje, kandi nari hafi gukonja. Ubukonje bwari hasi, nanjye nambaye ibirenge; ngerageza kubona aya matanura mato ashaje atangiye, afite umuyoboro muto kuri yo. Nuko njyewe... Jye na Meda twari tumaze igihe gito dushakanye. Kandi nagerageje, inkwi zishaje zari zitose kandi ntizakaga, kandi nari nicaye aho, Ndatekereza nti: "Yoo, mbega! Nzongera kubigerageza." Byabaye ngombwa ko njya ku kazi, no kwegera iryo ziko rishaje *gutyo*. Nuko ngera haruguru mfungura radio, atangira kuririmba, "Mbere y'uho uva mu cyumba cyawe muri iki gitondo, watekereje gusenga," Gusa naciye bugufi, "mw'Izina rya Kristo Umukiza wacu, nk'Ingabo muri iki gihe?" Yoo, mbega ukuntu numvaga urukundo kuri uriya mugore!

¹⁷² Ubwo nzambuka uruzi igihe runaka, ndizera ko nzumva Madamu Cadle yicaye hakurya. Murabizi, nahoraga ngira gahunda. Ku ruhande rw'umugezi, hariho Igit cy'icyatsi kibisi, murabizi, Igit cy'ubuzima; no hakurya y'umugezi, hari korari y'abamalayika iririmba amanywa n'ijoro, 'Ni yo mpamvu nta joro rihaba, muririmbe umunsi wose, murareba. Nzahabona umwanya maze niturize nyumve. Ndizera ko nzumva Madamu Cadle hariya aririmba.

¹⁷³ Imana iguhe umugisha mwene Data wacu. Nibagiwe izina rye. Niki, mwene Data? [Mwene Data aravuga ati: "Ned Woolman."—Ubwanditsi.] Mwene Data Ned Woolman araza kubaririmbira mu kanya. Mwene Data Woolman, nishimiye kuba turi kumwe hano iri joro. [Mwene Data Woolman araririmba *Ingoro Y'Umutima Wanjye*.] 

62-1014E Umuyobora
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org